Icyizere

Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) N°14, 15 Nzeli -15 Ukwakira 2011

Rusesabagina si indakemwa, kumuha igihembo nk'uwarokoye abantu ni ugupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Uhereye ibumoso, Senateri Gasamagera Wellars, Senateri Makuza Bernard na Makuza Bertin: Ni bamwe mu babaye muri Hoteli des Mille Collines, aho bari barahungiye muri Mata 94. Batanze ubuhamya ku mibereho y'impunzi n'imyitwarire ya Rusesabagina icyo gihe.

Ibyo ni ibyagagaragarijwe mu biganiro byateguwe n'umuryango Ibuka byabereye muri Hoteli LEMIGO, ku itariki ya 28 Ukwakira 2011. Ibyo biganiro byatanzwe na Dr Kayishema Jean Marie, wagaragaje ibyavuye mu bushakashatsi ku Indakemwa zarokoye Abatutsi mu ihe cya Jenoside mu mwaka w'1994, Bwana Tom Ndahiro watanze ikiganiro ku gupfobya no guhakana Jenoside, bikurikirwa n'ubuhamya bwa bamwe mu bantu bari barahungiye ubwicanyi muri Hoteli des Milles Collines mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibyo biganiro byateguwe Paul Rusesabagina araye ari buhabwe igihembo n'umuryango witwa « Lantos Fondation » wo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, kubera ubutwari yitirirwa bwo kurokora abari barahungiye muri Hoteli des Mille Collines. Ibiganiro n'ubuhamya byatangiwe muri Hoteli LEMIGO byanyomoje ubwo butwari bwa Rusesabagina, byerekana ubugome yagiriye abari bahahungiye, bigaragaza ko kumuha igihembo ahubwo ari ugupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mbere y' ubuhamya ku mibereho yo muri Hoteli des Mille Collines ku bari barahahungiye muri Mata 1994, Dr Kayishema yagaragaje ibyavuye mu

komeza ku rup. 3

IBINDI BIRIMO

Ibiganiro bivuga ku bugome bwa Rusesabagina byitabiriwe n'abantu banyuranye..... urup3

Dr Kayishema Jean Marie (ibumoso), wagaragaje ibyavuye mu bushakashatsi ku Indakemwa zarokoye Abatutsi mu gihe cya Jenoside mu mwaka w'1994,.....urup5

Basobanuriwe imikorere ya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside.....Urup.9

Bitabiriye inama ya AERG, bayitangamo n'ibitekerezo.....Urup.13

Ijambo ry'Ibanze

Nimubakire mu bahe uburere

Nimubakire ni abana banyu. Nimubakire mwabanje kubitegura, mubakirire ahantu heza umubyeyi ashobora kwakirira abana be. Aho mubashyize ntihabe ari kure y'amazi, munabashyire hafi y'abantu kandi kugirango bibarinde kwigunga, mbese ni mubakunde kuko ari mwe babyeyi babo.

Ibi ni bimwe mu byifuzo bikwiye kumenywa na ba Meya bungirije bashinzwe imibereho myiza, ku cyemezo cyafashwe cy'uko abana b'impfubyi batagira aho bataha mu bihe nk'ibi by'ibiruhuko, ko bagomba kujya aho bakomoka, ubuyobozi bw'uturere bukaba aribwo bubakurikirana; babashakira amacumbi, icyo barya, udukoresho two mu rugo , utw'isuku ku bakobwa n'ibindi.

Hari ba Meya bungirije rero babyumvise neza kandi babishyira mu bikorwa, abana babagira ababo, ariko hari n'abandi bacye bashakiye inzu bariya bana basa n'ababikiza, babashyira mu nzu zitagira agasima hasi cyangwa zidahomye ku nkuta, hamwe abana ntibahasange matora ahubwo hari umuceri, ibishyimbo, amakara ariko abana babaza biriya cyagwa isahane, agakombe cyagwa ibiyiko, bati ni mureke dore n'ibindi mubibonye hamana! Babibonye hamana se kuki kandi ibintu biba byaravugiwe mu nama kenshi ko bagomba kwitegura aba bana mbere y'uko baruhuka. Kuki bibura kandi FARG iba yohereje ku Karere amafranga yo kugira ngo aba bana badahura n'ibibazo nk'ibi. Hari n'aboherezwa bimeze nko kubajugunya, kuko nyuma yo kubashyira mu nzu ntawe ugaruka ngo amenye ngo kumanywa birirwa bakora iki?

Hari n'abumvise Visi Meya umwe yivugira ngo reka nzabashakire inzu hafi y'aho bubaka imidugudu kugira ngo abo bana bazabe abahereza b'abafundi. Niba ubona n'umwana wawe yajya guhereza abo bafundi nta kibazo. Ariko se niba ubifitemo ingingimira, bo kuki uboherezayo ? Ni mutekereze neza icyo abo bana bakwiye gukora, banasange hari gahunda nziza zo kubakurikirana, bigishwe Mudasobwa, bigishwe uburyo bwo kwirinda ihungabana, bigishwe uburere bwiza basurwe mu gitondo, hamenyekane uko baraye, ku mugoroba basurwe hamenyekane uko biriwe, ufite ibibazo bamube hafi, urwaye ajyanwe kwa muganga, ni basubira ku ishuri bahabwe impamba.

Umwana wigira nabi cyangwa uwanga kwegera umuryango yashoboye kubona, nawe yegerwe nk'uko twegera abacu. Mwibuke ko abenshi bageze no mu kigero kitaboroheye, ariyo mpamvu tugomba kubumva. Twakire aba bana nk'abacu rero kuko turerera u Rwanda, bacumbikirwe ahantu hazima kandi bahabwe ibyangombwa kuko uburyo buhari n'ubushake bukaba buhari. Leta iriho, irabashyigikiye kandi irabakunda. Twe kuyitenguha rero.

Gasasira Gaspard

Icyizere

P.O Box 7035 KIGALI
Toll Free: 3560
E-mail : cnlg@rwanda1.com

Hari ikindi cyageragezwa ngo uburwayi bwabo bukire ?

Ubuhamya bwa Colette Mukampabuka warokotse Jenoside, ku burwayi budakira bw'umukobwa we yarokoye mu bana batatu yari yarabyaye.

Umulisa Claudia warokotse Jenoside yigaga muri Kaminuza y'Igitwe ahagarika amasomo kubera uburwayi bukomeye.

Umulisa Claudia, yigaga muri Université y'Igitwe. Yagiye kwa Muganga ageze mu wa kabiri. Abo biganaga bararangiza uyu mwaka. Yarwaye umutwe ukomeye, abaganga bapimye bamunyuza muri Scanner, bamunyuza muri Emmerai, basanga afite ikibyimba ku bwonko. Ku itariki ya cumi z'ukwa mbere, uyu mwaka ni bwo bamubaze. Ava ku iseta, ari jye ari n'abaganga icyo gihe twarishimye, kuko iyo umuntu agiye kubagwa, cyane nk'aho ku bwonko ntuba ubyizeye. Ariko nyuma yaho yasinziriye igihe kirekire, akangutse akanguka atamira atavuga, baza gukoresha « sondes » kugirango abeho, kuko yatunzwe na « serumu » icyo gihe cyose. Banyuza « sondes » mu mazuru imanuka mu muhogo ijya mu gifu.

Umulisa Claudia ubu afite imyaka 26. Kugirango uburwayi bwe bumenyekane , byatangiye muri 2008. Ni bwo yababaye cyane, akivuza amaso, ntibigire icyo bitanga. Mbere y'uko abagwa nta bundi buvuzi yabonye , usibye ko yajyaga kwa muganga bakamwandikira indorerwamo bibwira ko ari amaso arwaye nk'abandi. Nyuma rero baje kubona ko ari icyo kibyimba, abagirwa kuri Faïcal.

Kugeza kuri uyu munota, kuri Faïcal icyo bakoze baragikoze, bakoze icyo kumubaga, ahasigaye ni uko atamira, ariho atamira, ntavuga, icyo rero simbizi niba mu Rwanda bashobora….. numvise ko hari abantu bigisha kumira, bigisha kuvuga, mu Rwanda niba bariho ntabwo mbizi. Abaganga nabo ntacyo babimbwiyeho. Icyo nifuzaga, abaganga nibo babizi uko byagenda. Ni umwana w'igihugu, n'umwana wanjye yari buzakorere igihugu. Nifuzaga y'uko bamushakishiriza ahantu bashobora kumwigisha kongera kuvuga, akongera akiga kuvuga, akanamira. Amize, akijuta wenda yagira imbaraga zo kuvuga. Kuko ubu umwuka ntuzamuka, ngo ashobore kuvuga.

(…) Sondes imuriho na n'ubu. Mu bitaro nijye wari umuriho. Mu bitaro rero banyeretse uko nzajya mbikora. Nijye wamugaburiraga ayo mezi yose kuva mu kwa mbere kugeza mu kwa munani kuri 23. Bararebye bati n'ubundi uzajya ubikora uko bisanzwe. Nk'ubu kuva kuri 15 z'ukwa karindwi kugeza kuri 23 z'ukwa munani, yari atunzwe na serumu, ariko babonye hari utwo nyuza muri sonde, tukagenda, barambwira, baransezerera. Ntacyo bansobanuriye, baransezereye, kubera no guhora aryamye mu bitaro, nabyo babona ari ikindi kibazo. Nsaba "randevu", igihe cyagera nkamujyana ku muganga akamureba. Ari uw'igifu, ari umukurikirana ku bwonko, byose bakareba. Kuko guhora mu bitaro nabyo ubona ntacyo bimaze. Iyo akeneye serumu, nk'uko byananiranye, aragenda akajyamo iminsi cumi n'itanu. Mbese mba mu rugo ndi no mu bitaro njyenda ngaruka.

(…) nta kintu bigeze babimbwiraho ko batamushoboye, cyangwa ahandi azavurizwa. Bansezereye nkuko basezerera abandi.

Byakiriwe n'ubwanditsi

ICYIZERE ni ikinyamakuru cya
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

Umwanditsi Mukuru:
Gaspard Gasasira

Umwanditsi Mukuru Wungirije:
Antoine Rwagahirima

Ushinzwe Maquette:
Kanzayire Gertrude

Inama y'ubwanditsi:

Bideri Diogène,
Gasasira Gaspard,
Kanzayire Gertrude,
Karengera Ildephonse,
Ndahigwa J.Louis,
Rutagengwa Philibert,
Ruzindaza Jean,
Rwagahirima Antoine,
Urujeni Solange.

ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside irakangurira Ibigo bya Leta, Ibigo bitegamiye kuri Leta, Ibigo by'Abihayimana n'Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, kujya byibuka abari abakozi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Ni uburyo bwo kubasubiza icyubahiro bambuwe.

Ubwanditsi

Rusesabagina si indakemwa, kumuha igihembo nk'uwarokoye abantu ni ugupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ni ibiganiro byitabiriwe n'abantu banyuranye: Uhereye i buryo Passa Mwenenganuke wasigiwe imfunguzo za Hôtel, Jean de Dieu Mucyo na Senateri Bizimana Jean Damascène

Ibikurikira urup 1

bushakashatsi bwakozwe bwo kumenya indakemwa zarokoye Abatutsi hagati ya Mata na Nyakanga 1994. Yagaragaje ibyagendeweho kugira ngo bahitemo izo ndakemwa. Ibyo byagendeweho umuntu akaba yabikoresha mu kubasha kumva ireme ry'ubutwari bwitiriwe Paul Rusesabagina bwo kuba ngo yararokoye abantu bari barahungiye muri Hôtel des Mille Collines, kuva Mata 1994.

Ibyagendeweho mu gutoranya izo ndakemwa biri mu nyandiko yihariye ku rupapuro rwa kane (Ntizabaye na nyinshi kuko mu Turere twakorewemo ubushakashatsi ahahwanye na kimwe cya cumi cy'ubutaka bw'uRwanda habonetse gusa indakemwa 272).

Byaba ari agahomamunwa kugereranya Rusesabagina na Wallenberg

Nk'uko byasobanuwe na Albert Rudatsimburwa, umunyamakuru n'umuyobozi wa radio Contact(CFM), umuryango « Lantos Fondation » witeguye kuzaha igihembo Paul Rusesabagina ku itariki ya 16 Ugushyingo 2011, ni umuryango washinzwe n'umugabo w'umuyahudi warokokotse Jenoside yakorewe Abayahudi witwaga Thomas Peter Lantos, nyuma yo kurokorwa n'umunyasuwedi w'umudipolomate witwa Wallenberg. Nyuma yo kurokoka, Thomas Lantos yabaye mu gihugu cya Leta Zunze ubumwe za Amerika, aza no gutorerwa kujya muri kongere y'icyo gihugu.

Albert Rudatsimburwa yasobanuye ko uriya muryango "Lantos Fondation" watekereje guha igihembo Rusesabagina kuko wamufashe nk'uwo Wallenberg warokoye Lantos, biturutse ahanini kuri Filime yiswe « Hotel Rwanda », yerekanywe mu gihugu cya Leta Zunze ubumwe z'Amerika, aho ukina « rôle » ya Rusesabagina yamwerekanye nk'umuntu wakijije koko abantu muri Hoteli des Mille Collines, mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 94.

Imiryango y'abacitse ku icumu mu Rwanda ntiyabajijwe, ntiyagishijwe n'inama.

Rudatsimburwa yabwiye abakurikiranaga ibyo biganiro ko abarokoye abayahudi, ubwo bakorerwaga Jenoside n'aba « Nazi », Yad Vashem »(ni nka

komeza ku rup 4

Rusesabagina si indakemwa, kumuha igihembo nk'uwarokoye abantu ni ugupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibuka yo mu gihugu cya Israël) ariyo ibibahera igihembo, cyangwa hagira undi ushaka gutanga icyo gihembo hakabanza kubazwa "Yad VASHEM" niba koko barakoze ibikorwa bikwiye guhembwa. Yad Vashem nayo ifite ibishin girwaho(criteria), kugira ngo hemezwe ko umuntu runaka yarokoye koko abicwaga kandi akwiye igihembo.

Rudatsimburwa yagaragaje ko « Lantos Fondation »ifata icyemezo cyo guha igihembo Rusesabagina, nta bacitse ku icumu rya Jenoside babaye muri Hôtel de Mille Collines yigeze ibaza.

N'abatanze ubuhamya bakaba bemeza ko nta muntu Rusesabagina yigeze arokora muri iyo Hoteli kuva ahageze ku itariki ya 18 Mata 1994, ko ahubwo yakoze ibikorwa by'ubugome, akagurisha ibyumba abari barahungiye muri iyo Hoteli, abadafite amafranga yo kubyishyura akabategeka kumusinyira amasheki, abandi bakamusinyira impapuro bemera umwenda, bemera ko nibasohoka aho bazamwishyura. Ahubwo bikaba ngombwa ko bamwe mu mpunzi bari bafite amafranga barihira abatayafite kugira ngo batajugunywa hanze.

Abatanze ubuhamya bagaragaje Rusesabagina nk'umuntu wari ushishikajwe no gushaka amafranga gusa, akoresheje inzira zose zishoboka, (dore ko ngo yari yageze no muri Hotel des Milles Collines aje gushaka lisansi ngo yikomereze, ariko yasanga hari uburyo bwo gushaka ifaranga-kurihisha ibyumba, ibyo kurya na telefone- agahita ahaguma gutyo.

Ubwo buhamya bwatanzwe na Senateri Makuza Bernard, umunyemari Makuza Bertin, Senateri Gasamagera Wellars, n'abandi barimo umugabo witwa Passa, wari umukozi muri Hoteli des Mille collines akaza gusigirwa infunguzo n'umuzungu wayoboraga hoteli atashye, ariko akaza kuzamburwa na Rusesabagina avuye aho yari muri « Hôtel des Diplômates », Guverinoma yiswe iy'abatabazi yari ihacumbitse igiye guhungira i Gitarama.

Ntiyabarokoye ahubwo yarabasonze, abaca amafranga benshi batari bafite

Abatanze ubuhamya bose bahurije kuri icyo kintu cy'uko yabagurishaga ibyumba kandi bari impunzi, bamwe bagaragaza ukuntu yasangiraga inzoga na Koloneli Théoneste Bagosora, cyangwa ukuntu ariwe winjije ba Padiri Munyeshyaka Wenceslas muri Hoteli, akinjiramo yambaye imbunda na simoko, ukuntu yinjije Karamira Frodouald mu cyumba Makuza Bertin yabanagamo na Rubangura akabasaba ko « babwira bene wabo » (ashaka kuvuga FPR Inkotanyi), kurekeraho kurasa bitaba ibyo ngo bagashira ».

Umwe mu bari mu kiganiro wakoze muri Komisiyo yo kugaragaza uruhare rw'UBufransa muri Jenoside yakorewe Abatutsi, yerekanye ko hari inyandiko babonye bakora iryo perereza yanditswe na Rusesabagina mu Gushyingo 1990, asaba

komeza ku rup 5

Ibyashingiweho mu gutoranya indakemwa

1. Kuba warahishe umututsi umwe cyangwa benshi
2. Kuba waraburiye umuntu umwe cyangwa benshi bagashobora kurokoka,
3. Kuba warafashije umuntu umwe cyangwa benshi mu bahigwaga guhunga
4. Kuba waraburanye abantu bakarokoka(hari abagendaga bagatakambira ababica bakavuga bati uyu nimumureke, bamwe na bamwe bakanabeshya, bakavuga bati uyu nimumureke ntabwo ari umututsi ni umuhutu kandi abizi neza ko Atari byo, agashobora kumurokora.
5. Kuba waraguze abantu(ugatanga amafranga cyangwa se ugatanga ibindi bintu, hanyuma abantu bakabifata, bakareka kwica abo bashakaga kwica.

Twarebye n'impamvu:

Iyo umuntu yarokoraga abantu kuko basangiye umuryango, bari mu muryango umwe, ntabwo twamufataga nk'indakemwa. Cyangwa se iyo twasangaga bafitanye ubundi bumwe, bari basanganywe, uretse ubucuti busanzwe. Abo nabo ntabwo twabafataga.

Abo twagiye dufata ni abantu bakoresheje umutima wabo, w'ubuntu, bakarokora abantu, nta nyungu babashakamo. Nta nyungu n'imwe, bagakoresha impuhwe, cyangwa se nkuko bagiye babitubwira benshi, bagakoresha gutinya Imana, n'ubucuti twarabwemeye, nk'umuntu wari inshuti yawe akagukiza. Nta handi muhuriye nabyo twarabyemeye, tumushyira mu bashobora kuba Indakemwa.

Ikindi ni ukwitandukanya n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Kuko hari abantu batemeraga ibikorwa, bagasanga ari ubunyamaswa, bakitandukanya n'ubwo bunyamaswa, iyo nayo ni impamvu twafatiragaho kugira ngo twemere umuntu.

Ababaga bafite inyungu twabakuragamo, ababaga bafite amasano, twabakuragamo. Inyungu kandi ni nyinshi. Inyungu ni ukuvuga nk'umuntu wahaye ibintu cyangwa amafranga ngo agukize, uwo ntabwo yashoboraga kujyamo.

Uwarokoye nk'umuntu w'umukobwa mwiza, ariko akamusambanya, muri icyo gihe arimo amurokora, uwo nawe ni nk'inyungu ntabwo twamufataga, ntabwo twashoboraga kumufata.

Ariko iruhande rwo kurokora abo bantu twarebye uko abantu bagiye bitwara. Ese uwo umuntu yarokoye uwundi, ariko aragenda ajya kwica, uwo yavagamo. Yaragiye se agira umuntu akubita cyangwa se akomeretsa, uwo yavagamo. Yarahize se yagiye mu bitero bya bindi byajyaga guhiga abantu aho bihishe mu bihuru, uwo yavagamo iyo yagendaga mu bitero, n'aho yabaga atabyemera. Ariko yarabigiyemo. Hari abavuzaga induru cyangwa bagatunga agatoki, bakavuga aho abantu bihishe, abo nabo bavuyemo. Hari abazomeraga abandi abo nabo bavuyemo. Hari abononnye umutungo, w'abantu cyangwa se basenye amazu, cyangwa se bibye, bagatwara ibintu, abo nabo bavuyemo.

Ariko ntitwagumye gusa mu gihe cya Jenoside :Na nyuma ya Jenoside twagiye dukurikirana abo bantu bari batanzeho nk'indakemwa, dukora enquête y'ukuntu bitwaye na nyuma ya Jenoside. Kuko hari abakijije abandi, ndetse banitwara neza muri Jenoside, ntibagira icyo bakora kibi, ariko nyuma bakanga nko gutanga ubuhamya,kandi gufasha abantu kugira ngo bamenye ukuri ku byerekeye Jenoside, ibyo nabyo twari twabishyize mu ma « critères », yo kuba indakemwa. Bakanga kujya muri Gacaca, bakanga gutanga ubuhamya, nko mu gihe cy'icyunamo, cyangwa se bakanga nko kujya mu by'icyunamo, abo ngabo nabo ntabwo twabemeraga. Hari n'abagiye bagira imvugo z'ingengabitekerezo ya Jenoside, akavuga ati narabikoze, yego nagize neza, ariko ntabwo namenye ko ibintu bizamera nk'uko, ati iyo nza kubimenya, na buriya nakijije, ntabwo mba narabukijije, nk'umuntu wagiraga imvugo nk'iyo ntabwo yafatwaga nk'indakemwa.

Byavuye mu kiganiro cyatanzwe na Dr Kayishema Jean Marie, Hôtel Lemigo, 28/10/2011

Rusesabagina si indakemwa, kumuha igihembo nk'uwarokoye abantu ni ugupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ibikurikira urup 4

Mbere yo kumva abatanze ubuhamya, Docteur Kayishema Jean Marie(ibumoso) na Tom Ndahiro (iburyo) batanze ibiganiro ku biranga indakemwa no ku buryo butandukanye bwo gupfobya no guhakana Jenoside.

ibiro bikuru by'iperereza gufunga abakobwa batatu, yavugaga ko bakoreraga inama muri Hotel des Milles Collines, « bigaragaza ko muri icyo gihe cy'ibyitso yari intasi y'ibiro bikuru by'iperereza ».

Ibyo bikaba byakwegeranywa n'ibyavuzwe na Senateri Gasamagera ko yakoraga mu biro by'uwari ushinzwe inyungu za gisilikare z'igihugu cya Libiya, akaba yaramufite ku rutonde rw'abakozi yahembaga, nyamara nta biro byihariye afite. Bikaba byakwegeranywa kandi n'uko muri icyo gihe yaje kugaragara yunze ubumwe, asangira inzoga muri hotel na Koloneli Bagosora, ufatwa nk'umucurabwenge wa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ari muri Hôtel des Milles Collines, Rusesabagina ntiyaranzwe n'ubutwari, ubudakemwa nk'ubwaranze ba banyarwanda 272 bagaragajwe n'abashakashatsi ko barokoye Abatutsi muri 94, ahubwo abatanze ubuhamya bamugaragaje nk'umugome, wanakase telefone ngo impunzi zari muri Hoteli zidakomeza kuvugana no hanze zisaba ubutabazi, kandi abone uko arihisha n'imiyoboro yari isigaye ikora yagenzuraga.

Bafashe umunota wo kwibuka mbere yo kumva ubuhamya n'ibiganiro.

Kumuha igihembo mpuzamahanga bisa no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi

Ku kibazo cy'uko yaba yararokoye abari barahungiye muri iriya Hoteli, abatanze ubuhamya bagaragaje ko ukurokoka kwa bo ntaho guhuriye na Rusesabagina, ko byaturutse mu mishyikirano impande zombi zarwanaga zagiranye, mu rwego rwo kugira ngo abantu bari kuri stade amahoro, barimo abenshi bashakaga gukomereza mu gace kagenzurwaga n'ingabo za Leta, bazaherekanywe n'abari muri Hotel des Milles Collines yagenzurwaga n'ingabo za Leta, ariko bo bashakaga gukomereza mu gice cyari cyarafashwe na FPR.

Abatanze ubuhamya n'abatanze ibiganiro batangajwe n'ukuntu amahanga akomeje kwemera ikinyoma cya Rusesabagina, amufata nk'intwari yarokoye Abatutsi muri 94, bifuza ko itangazamakuru ryagira uruhare mu gushyira ahagaragara ukuri nya kuri bagaragaje kuri Rusesabagina. Basanze ko uriya Muryango « Lantos Fondation » uramutse uhaye igihembo Paul Rusesabagina waba witesheje agaciro ugatesha agaciro abandi bantu wahaye ibihembo mu bihe byashize. Ariko cyane cyane numuha igihembo bizaba ari no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

A.R

Gisagara : Duhozanye yakuye imfubyi n'abafakazi ba Jenoside mu bwigunge n'ubwihebe ibashyira mu cyerekezo cy'iterambere

Umuryango Duhozanye ni umuryango w'abapfakazi n'imfubyi za Jenoside wavutse ku itariki 11/11/1994 ushinzwe n'abapfakazi ba Jenoside nyuma y'uko ingabo za FPR zari zimaze gushwiragiza abari bamaze kubahekura no kubapfakaza. Mu rwego rwo guhozanya no kurwanya ubwihebe no guharanira gukomeza kubaho abo bapfakazi bashinze umuryango Duhozanye. Magingo aya umaze kugera kuri byinshi, byavuye mu gucunga neza no kubyaza inyungu inkunga nke bahawe Jenoside ikirangira.

Mme Mukarutamu Daphrose uwa gatatu uhereye (ibumoso) akikijwe n'abahagarariye amatsinda magirirane bita amatsinda ya MUSO.

Urugendo rwo kwivana mu bwihebe no mu bukene rwakozwe n'abapfakazi ba Jenoside bo mu Karere ka Gisagara ikinyamakuru icyizere cyarusobanuriwe na Mme Mukarutamu Daphrose, Umuvugizi (Représentante Légale) w'ishyirahamwe Duhozanye, ku itariki ya 18 Ukwakira, ku cyicaro cy'iryo shyirahamwe kiri mu Murenge wa Save, mu Karere ka Gisagara, Intara y'amajyepfo.

Inkotanyi zimaze guhagarika Jenoside, muri Komini Shyanda y'icyo gihe(ubu ni mu Karere ka Gisagara), hari abapfakazi benshi n'imfubyi nyinshi, abari babiciye baramaze guhunga. Mme Mukarutamu ati « abo bapfakazi bahuzwaga no kurira, ariko bageze aho basanga batahuzwa no kurira ahubwo bagomba guhangana n'ibibazo basigiwe na Jenoside ». Nibwo bishyize hamwe batangira kureba uko bahangana n'ikibazo cyo kutagira aho baba, mu gihe hari ibintu byasahuwe n'abahunze byari bikinyanyagiye hirya no hino(birimo amategura n'amabati).

Urubyiruko rutagize amahirwe yo gukomeza amashuri, rwigishijwe ububoshyi bwa kijyambere.

Abashimye uko bakoresheje inkunga baje kubagabira imodoka y'ikamyoneti

Mme Mukarutamu akubwirana akanyamuneza ko hagati y'umwaka 95 n'96 bari bamaze kwiyubakira inzu 60 zivuye muri ibyo bikoresho byari binyanyagiye hirya hino, muri buri Murenge abapfakazi baregerana izo nzu bazibanamo, babona aho bikinga. Umuryango wo muri Canada witwa « Développement et paix » niwo wabateye inkunga muri icyo gikorwa cyo kububakira, ukabagenera ibihumbi ijana kuri buri nzu.

Bagiye babona n'abandi baterankunga ku buryo kugeza mu mwaka w'1998, mu Karere ka Save k'icyo gihe(kari kagizwe n'icyahoze ari Shyanda na Ndora), hari hamaze kubakwa amazu hafi 400.

Icyakora, iyo umuvugizi agusobanuriye urugendo Umuryango Duhozanye wakoze usanga imbarutso yo kwiteza imbere yaraturutse ku nkunga PNUD yabahaye nyuma ya 94. PNUD yabahaye toni eshanu z'ibishyimbo na toni eshanu z'amasaka, kuko bari bashonje. Babikuyemo imbuto, imvura iguye barahinga bejeje, bakagarura ibiro bahawe bongereyeho ibiro by'inyungu. Ibyo biro by'inyungu nibyo Umuryango Duhozanye wafatagamo ibyo ugenera abakecuru b'incike za Jenoside batishoboye, batagifite n'imbaraga zo gukora, ibisigaye bakabihunika.

Nk'uko Mme Mukarutamu yakomeje abisobanura, PNUD igarutse gusura Duhozanye nyuma y'imyaka igera kuri itanu yasanze imfashanyo y'ibishyimbo n'amasaka yabahaye ikiriho(mu gihe ahandi yari yaratanze inkunga nk'iyo abo yagenewe bayiriye barayimara batabashije kuyibyaza umusaruro). Yahise ibongerera indi nkunga ku mafranga yari yarasigaye kuri uwo mushinga w'ibyihutirwa(urgence), ibagurira ikamyoneti ya Daihatsu. Bityo bagura ibikorwa bari baratangiye byo guhunika imyaka(ibishyimbo n'amasaka).

Amadepo y'ibinyobwa bya BRALIRWA ari mu Mirenge hafi ya yose mu Karere ka Gisagara.

komeza ku rup. 7

Gisagara : Duhozanye yakuye imfubyi n'abapfakazi ba Jenoside mu bwigunge n'ubwihebe ibashyira mu cyerekezo cy'iterambere

Ibikurikira urup 6

Amatsinda magirirane yafashije abapfakazi ba Jenoside kwiyakira

« Mu mwaka w'2003, twabonye ko abapfakazi ba Jenoside bashoboye, turabegera tubashyira mu matsinda yo gukoreramo mu cyahoze ari Akarere ka Save k'icyo gihe(shyanda na Ndora) ». Mme Mukarutamu akomeza avuga ko nyuma y'aho hagiriyeho Akarere ka Gisagara (kagizwe n'imirenge 13 irimo na Save ahari icyicaro cya Duhozanye), basabwe kwegera abapfakazi muri iyo mirenge yose.

Hamaze gushingwa ayo matsinda y'abapfakazi mu Mirenge yose igize Akarere ka Gisagara, Duhozanye yabateguriye amahugurwa ku buvugizi no ku ihungabana, kugira ngo « abantu babashe kwakira ibyababayeho, kuko igihe utapfuye ugomba kubaho kandi ukabaho neza ». Ayo matsinda niyo Duhozanye ikorana nayo uriya mushinga wo guhinga, kuguranoguhunikaimyaka, umushinga wungutse kuko ariwo, nkuko umuyobozi wa Duhozanye abivuga, wabyaye imodoka ibafasha mu kazi gasanzwe ku cyicaro cy'umuryango .

Batinyutse no gukorana n'amabanki no gusaba inguzanyo

Ibikorwa bya duhozanye ntibyagarukiyekuguhunika no kugurisha ibishyimbo, (n'ubwo ariwo mushinga munini Duhozanye ifite kuko iwukora ku nguzanyo nini ya miliyoni 50 yahawe na BRD), hari n'undi mushinga ifite kandi imaze igihe ishyira mu bikorwa wo kuranguza ibinyobwa bya Bralirwa mu Mirenge hafi ya yose mu Karere. Batangiye ku nguzanyo ya miliyoni 6, bahawe na Banki z'Abaturage.

Urwibutso ruri mu Kagari ka Munazi mu Murenge wa Save, rushyinguyemo inzirakarengane 3000. Bashyinguwe na Duhozanye nyuma gato y'umwaka wa 2000.

Kubijyanyen'iyonguzanyo nini ya BRD bakoresheje mu mushinga wo guhunika ibishyimbo, Duhozanye yishyura neza kugeza ubu, kandi ngo MINAGRI yemeye kubishyurira kimwe cya kabiri cy'inyungu bagombaga kuri iyo nguzanyo bahawe na BRD. Uwo mushinga wo guhunika no kugurisha ibishyimbo na FARG yawugizeho uruhare, kuko ubwo imodoka bahawe na PNUD yari imaze gusaza, Ikigega gifasha abacitse ku icumu batishoboye, FARG cyabahaye ikamyoneti nshya, isimbura iyari ishaje, bityo igikorwa cyo guhunika imyaka gikomeza nta nkomyi.

Icyakora ibyo bikorwa byose ntibigamije inyungu bwite, nk'uko Mme Mukarutamu abisobanura : « inyungu zivuyemo(muri iyo mishinga), zifasha abagenerwa bikorwa (abapfakazi n'impfubyi za Jenoside) ».

Uretse ibyo bikorwa bibyara inyungu bigafasha abagenerwabikorwa, Duhozanye yakoze igikorwa cyiza cyo gushyingura abishwe muri Jenoside muri kariya Karere. Kugeza mu mwaka w'2000, Imibiri y'abishwe muri Jenoside yari ikiri ku misozi, yari yaramaze gushyingurwa mu rwibutsoruri mu Murengewa Save, iruhande rw'ahahoze ibiro bya Komini Shyanda, mu Kagari ka Munazi. Hashyinguye abagera ku bihumbi bitatu. Hakaba hasigaye imibiri y'abagera kuri 30, igishyinguye mu matongo ya bamwe nayo bateganya kuzana kuri urwo rwibutso.

komeza ku rup. 8

Muri Duhozanye, amatsinda ya MUSO akora ate ?

Itsinda magirirane, bakunze kwita itzinda rya MUSO(mutuelle de solidarité), ni ihuriro ry'abapfakazi ba Jenoside batuye mu Karere Ka Gisagara, kuva ku badamu 15 kugera kuri 30, bahura rimwe mu kwezi bagashyira hamwe umugabane wo kuzigama no kuguriza uhwanye n'amafanga magana atanu, n'amafranga ijana ajya mu isanduku y'ingoboka. Ku buryo buri munyetsinda atanga buri kwezi amafaranga 600. Ayo mafranga niyo agwira akaba yashobora kubafasha gushyira mu bikorwa imishinga icirirtse ibyara inyungu. Uri mu itsinda rya Muso aba ashobora kuguza amafaranga mu isanduku akayagarura yongereyeho inyungu ihwanye n'icumi ku ijana.

Ahenshi usanga amafaranga menshi ari mu itsinda ashobora kugurizwa ari ibihumbi 20. Magingo aya Umuryango Duhozanye ufite amatsinda Muso 10, 9 y'abapfakazi ba Jenoside na Koperative imwe y'abana b'imfubyi za Jenoside. Amatsinda 9 y'abapfakazi ba Jenoside akorana na Duhozanye aho mu Karere ka Gisagara afite umurima munini wa hegitari ebyiri yahawe n'Akarere ka Gisagara, akaba arimo guhingamo ikawa ku nkunga yatanzwe na FARG. Buri tsinda ryahawe ibihumbi 115. Uwo murima ayo matsinda uko ari icyenda, awuhingira hamwe.

Naho itsinda ry'abana b'imfubyi za Jenoside (batabashije gukomeza amashuri) bibumbiye muri Koperative Abatangana bafite ibikorwa by'ubworozi bw'Inka batewemo inkunga na MINALOC, ubworozi bw'inzuki n'iby'ubuhinzi bw'imboga. Batanga umugabane w'amafaranga ibihumbi bibiri ku kwezi, Inzu bakoreramo n'iyo bahawe na Duhozanye.

Buri gihembwe umuryango Duhozanye usura itsinda rimwe rya MUSO, ukaritera inkunga y'amafranga 300.000 yo gushyigikira umushinga umwe riba ryarateguye, umaze kunonosorwa n'abatekenisiye ba Duhozanye.

Akamaro gasumba ibindi amatsinda magirirane afitiye abayagize ni uguhuza abantu bafite ibibazo byakomotse kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, bagakomezanya bakigiramo icyizere n'ubushake bwo kongera kubaho no kubaho neza.

A.R

Gisagara : Duhozanye yakuye imfubyi n'abapfakazi ba Jenoside mu bwigunge n'ubwihebe ibashyira mu cyerekezo cy'iterambere

Mu matsinda cumi magirirane yashinzwe na Duhozanye, rimwe ni iry'urubyiruko , mu bikorwa byaryo harimo n'iby'ubworozi.

Ikindi gikorwa cyiza kiba buri mwaka cyatekerejwe na Duhozanye ni icyo guhuriza ku cyicaro cya Duhozanye abana b'imfubyi za Jenoside bibana mu cyumweru cy'icyunamo. Mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 17 byari bibaye ubwa gatatu icyo gikorwa kiba. Muri icyo cyumweru abo bana barahura bakavuga agahinda kabo, bagakomezanya, ariko Duhozanye ikaba yaba tumiriye n'ababaha ibiganiro ku bibazo bitandukanye baba bafite(FARG,Ibibazo by'ubutaka, Gacaca, imyororokere….. n'ibindi).

Icyagaragaye ngo n'uko icyo gikorwa kimaze kugaragara nk'ikigabanya ibibazo by'ihungabana bamwe muri abo bana bafite. Icyo gikorwa uyu mwaka cyahuje abana ijana na mirongo itanu. Ubuyobozi bwa Duhozanye bukaba bwaranaboneyeho gushyikiriza agashimo (ibahasha y'ibihumbi 10), abana bagejeje ku manota 60 ku ijana, naho FARG yemera kuzashyikiriza amafranga ibihumbi 70.000 abazaba barabonye amanota kuva kuri 70 ku ijana kuzamura.

Ngo Leta nishyire ingufu no mu kubarihishiriza imitungo yabo yononwe muri Jenoside

Icyakora hari ikibazo uhagarariye Duhozanye yagejeje ku kinyamakuru icyizere gishobora kuzasubiza inyuma intambwe yari imaze kugerwaho mu mibanire myiza y'abacitse ku icumu rya Jenoside n'abandi baturage : Ni ikibazo cy'imitungo yononwe muri Jenoside abacitse ku icumu rya Jenoside batsindiye mu nkiko Gacaca, ariko bakaba batarayisubizwa, cyangwa batarayirihwa.

Umuryango Duhozanye no kuri icyo kibazo wafashe iya mbere kuko muri Nyakanga uyu mwaka wakoresheje inama yahuje abategetswe n'inkiko gacaca kwishyura, abagomba kwishyurwa n'abafite inshingano z'abahesha b'inkiko, kugira ngo higirwe hamwe uko icyo kibazo cyakemuka. Mme Mukarutamu asanga Leta ikwiye guhagurukira icyo kibazo, kuko ngo harimo n'abagurisha amasambu yabo yagombye kuvamo ubwishyu bw'imitungo bononnye kandi ari abayobozi b'ibanze babasinyiye.

Iyo ni Inzira Umuryango Duhozanye wafashe, yo gushishikariza abapfakazi n'imfubyi za Jenoside kudaheranwa n'ibyabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi, ahubwo abayirokotse bagaharanira kubaho no kubaho neza, bashyira imbere ibikorwa byabateza imbere, inkunga ikaba iyo kubunganira. Hari myinshi mu miryango y'abacitse ku icumu rya Jenoside yari ikwiye gufata urugero kuri Duhozanye, mu gukoresha neza inkunga kugirango amaherezo zizabafashe kwifasha.

A R

Muri Duhozanye, gahunda ya Subiraninka yatekerejwe mbere y'iya Girinka

Mu mwaka w'1998, ubwo abapfakazi bibumbiye muri Duhozanye bari bamaze kwisuganya bamaze kubona amacumbi yo kubamo, umuryango « Dévéloppement et paix » wari wabafashije mu kuzuza ayo macumbi, wanabafashije ubaha inka 87. Abahawe izo nka bagiye boroza bagenzi babo muri gahunda bise « Subirana inka »- inka ngo barazihoranye, abagome barazirya- , ubu inka zimaze gutangwa zikaba zigera kuri 400. Abahagarariye amatsinda ya MUSO hafi ya bose mu mirenge ya Gisagara bafite inka borojwe muri iyo gahunda.

Undi mushinga ni uwo Duhozanye yashakiye abana b'imfubyi batabashije gukomeza amashuri ; ni uwo kubigisha gutunganya imisatsi, n'uwo kuboha imipira yo kwifubika. Ubwo twasuraga ibikorwa bya Duhozanye twasanze abana b'abakobwa bigishijwe gukoresha imashini zo kuboha zigezweho babohera ku kicaro cya Duhozanye imipira yo kwifubika y'abana bo mu mashuri yisumbuye. Ibikorwa batewemo inkunga n'Abafurere b'Aba « maristes » ndetse n'ikigo cy'abadage cya GTZ.

Abobombingo babateye inkunga babonye ubushake n'umuhate bari bafite wo kwiteza imbere.

A.R

Abanyeshuri n'Abarimu bo muri Kaminuza Mpuzamahanga ya Kampala (Kampala International University - K.I.U.) basuye u Rwanda.

Kuwa gatanu, tariki 28 Ukwakira 2011 saa kumi z'umugoroba (4 p.m.), i Remera kuri Centre Christus, abanyeshuri n'abarimu bo muri Kampala International University (K.I.U.) bagera kuri mirongo itanu (50), bahawe ikiganiro kuri Jenoside na Bwana Karengera Ildephonse Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Kwibuka no Gukumira Jenoside muri Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG).

Abo banyeshuri n'abarimu babo baturuka mubihugubyo mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba (East African Region) harimo Burundi, Uganda, Kenya, Tanzania Somalia n'uRwanda.

Bwana Karengera amaze kubifuriza ikaze mu Rwanda, yakomeje abasobanurira imiterere, inshingano n'imikorere bya CNLG, kuva ishyizweho muri Mata 2008, kugeza ubu ndetse n'inzitizi igenda ihura nazo n'ingamba zifatwa mu guhangana nazo.

Bwana Karengera Ildephonse(iburyo)umuyobozi w'ishami rishinzwe kwibuka no gukumira Jenoside muri CNLG yabasobanuriye imigendekere ya jenoside yakorewe Abatutsi, n'imikorere ya CNLG.

Abashyitsi bishimiye ibisobanuro bahawe bavuga ko bumvise neza ibitera Jenoside, uko ikorwa n'abayigiramo uruhare; baboneraho umwanya wo kubaza ibibazo bijyanye cyane cyane n'amategeko ahana icyaha cya Jenoside, icy'ingengabitekerezo yayo n'uko ashyirwa mu bikorwa mu Rwanda no mu mahanga.

Intiti zo muri KIU zasobanuriwe uruhare intiti zimwe mu Rwanda zagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu ruzinduko rwabo kandi, mbere yo guhabwa icyo kiganiro, abo bashyitsi barimo inkumi, abasore, abagore n'abagabo; bari basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi, bibonera neza uburyo Jenoside yakozwe n'akaga Abatutsi n'abandi batavugaga rumwe n'ubuyobozi bwariho bahuye nako. Bababajwe cyane n'iteshwagaciro cy'ikiremwamuntu n'ibikorwa bya kinyamaswa byari byahawe intebe.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abo bashyitsi biyemeje kubera u Rwanda ba ambasaderi beza muri Kaminuza yabo KIU no mu bihugu bakomokamo buri wese mu cye. Abayobozi babo bifuje ko habaho gahunda ihamye yo kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mashuri na za Kaminuza biri muri aka karere ka EAC.Banavuze ko atari ubwa nyuma baza gusura u Rwanda ko bazagaruka bazanye na bagenzi babo benshi kuko bakiriwe neza.

Basoje uruzinduko rwabo kuwa gatandatu tariki ya 29 Ukwakira 2011 bamaze kwifatanya n'abanyarwanda mu muganda rusange uba buri wa gatandatu wa nyuma wa buri kwezi, ugakorerwa ku rwego rw'umudugudu.

UWIMANA Aloys
Ushinzwe gahunda z'inyigisho kuri Jenoside no kuyikumira / CNLG.

Uwacitse ku icumu rya Jenoside wa 13 i Murambi ya Gikongoro.

"Ndashimira umubyeyi wanjye wo mu gihe cya Jenoside, nyuma yo gusiga abanjye bose i Murambi, uyu NTAGANDA Felicien yambereye imfura. Yagerageje kumfasha nta sano dufitanye ndetse atazi n'aho nkomoka. Nta kindi cyabimuteye uretse umutima w'ubumuntu kandi wuzuye ubupfura. Yarandinze, Jenoside irarangira, none ubu maze kuba umuntu mukuru nk'abandi, ngeze muri Kaminuza."

MUKARUHIMBI Liberée warokotse ubwicanyi bwakorewe i Murambi yabaye umuntu wa 13 waharokokeye.

Aya ni amagambo yavuzwe na MUKARUHIMBI Liberée, kuya 21 Mata 2011 ubwo yibukaga umuryango we washiriye i Murambi.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi rwubatse mu Karere ka Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo. Jenoside itangiye, Abatutsi benshi bo mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro bahungiye kuri Kiliziya y'abagatulika ya Gikongoro. Ariko abayobozi b'iyo Perefegitura bagerageje gushishikariza abatutsi kuva ku kiliziya bakajya i Murambi.

Murambi ni agasozi keza cyane gakikijwe n'imisozi minini kandi miremire. Murambi hari harimo kubakwa ishuri ry'imyuga (Ecole Technique Officielle : ETO). Ubu ni Urwibutso rwa Jenoside kubera amateka yahabaye. Abatutsi barenga ibihumbi mirongwitanu (50,000) baguye i Murambi. Mu bahiciwe, ababyeyi n'abavandimwe ba MUKARUHIMBI Liberée barahashiriye.

MUKARUHIMBI Liberée ni umukobwa w'imyaka makumyabiri n'umwe (21ans) kuko Jenoside yabaye ari umwana w'imyaka ine gusa. Ubwo abatutsi boherezwaga i Murambi, Liberée yazanye n'ababyeyi be bombi hamwe n'abavandimwe be 4 (umuhungu umwe n'abakobwa batatu biyongera kuri we bose hamwe bakaba abana batanu). Ababyeyi be n'abavandimwe be 4 bose biciwe i Murambi kuya 21 Mata 1994.

Kuitalikiya21Mata2011, ubwo MUKARUHIMBI Liberée yazaga kunamira no kwibuka ababyeyi n'abavandimwe be biciwe i Murambi yagerageje gutanga ubuhamya bwe kandi anashimira cyane uwo yita umubyeyi we NTAGANDA Felicien. Yagize ati: "Ubwo navaga i Murambi mu nzira ndende y'umusaraba nanyuzemo, naje guhura na NTAGANDA Felicien. Ntabwo nari muzi, nawe ntiyari anzi, ndetse nta n'ubwo yari azi iwacu. Ikigaragara gusa ni uko yangiriye impuhwe zitagirwaga n'uwariwe wese muri biriya bihe. Yaramfashe anjyana iwe, anshyira mu bandi bana, arandinda kugeza Jenoside irangiye, ndetse ikigeretse kuri ibyo, nyuma ya Jenoside imyaka yanjye yo gutangira amashuri igeze yanshyize mu ishuri ndiga."

Uyu NTAGANDA Félicien mwene BISHINGWE Canisus na KAMBIBI Anastasie, ni umugabo w'imyaka 54, asobanura neza ko atatwaye Liberée kuko hari isano bari bafitanye, ndetse ko atari azi n'ababyeyi be, asobanura ko iyo aza kugira ubushobozi bwo gukiza abantu aba yarabafashije, ariko arongera akavuga ati: "byari ibihe bikomeye, Uwiteka niwe wenyine wamfashije uyu mwana abasha kubaho. Nyagasani asingizwe ibihe byose kuko yarinze uyu mwana ."

Liberée, ntiyigeze akunda kuvuga ko yarokotse ubwicanyi bwakorewe i Murambi. Ubusanzwe mu myaka isaga 16 yose ya nyuma ya Jenoside, hari hazwi abantu 12 gusa babashije kurokoka ubwo bwicanyi. Ubwo abanyeshuri bo muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda bibumbiye mu muryango w'ivugabutumwa uzwi ku izina rya GBU (Groupe Biblique Universitaire) bazaga gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi mu ntangiro za Mata 2011, nibwo Liberée yabashije gufunguka agaragaza ko yarokokeye i Murambi.

Ubwo abo banyeshuri bazaga gusura Urwibutso, ***Liberée yakunze kubaza niba hari icyumba kinini kiba i Murambi gifatanye n'akandi kumba gatoya, ku buryo iyo uri muri icyo icyumba kinini ubasha kureba mu gatoya urebeye mu kadirishya kabihuza.***

Byari bigoranye kumva icyo Liberée ashaka kuvuga, ariko ubwo abo banyeshuri bageraga mu cyumba kinini kibitswemo imyambaro y'abiciwe i Murambi, Liberée yagitinzemo, ndetse atangira no kukizenguruka. Iyo wamwitegerezaga, wabonaga ko hari ibintu byinshi arimo kwibuka. Mu maso he hagaragaraga agahinda kenshi, wabonaga ko afite umubabaro ukabije. Icyumba yari yakomeje kubaza yari amaze kukigeramo. Liberée yasobanuye ko aherukana na nyina umubyara bwa nyuma muri icyo cyumba. Yasabye ko bibaye byiza yazahabwa icyo cyumba akajya agishyiramo indabo kugirango abashe kwibuka uwamwonkeje ibere. Kuri uwo munsi nibwo Murambi yabonye uwaharokokeye wa 13. Aka kanya twandika iyi nkuru, turatangaza ko kuwa 26 Gicurasi 2011, ubwo Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) yafunguraga ku mugaragaro inzu y'amateka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, aribwo habashije kumenyekana uwacitse ku icumu wa cumi na kane (14th/14ème) warokotse ubwicanyi bwabereye i Murambi.

Kuwa 21 Mata 2011, MUKARUHIMBI Liberée yazanye na bamwe mu bo mu muryango we, inshuti ze ndetse na NTAGANDA Felicien, baza kwibuka no kunamira ababyeyi n'abavandimwe ba Liberée. Icyo gikorwa cyabereye muri cya cyumba

komeza ku rup.11

Abarimu b'Abanyakenya bigisha Drama, bahawe ikiganiro na Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside

Abarimu bigisha Drama, (bacengeza mu banyeshuri inyigisho zisakaza amahoro babinyujije mu dukino tw'ikinamico n'ibisigo) baturutse mu bice byose bya Kenya boherejwe na «National Cohesion and Integration Commission » gusura u Rwanda no kwigira ku byiza Komisiyo y'uRwanda y'ubumwe n'ubwiyunge yagezeho kuva inshinzwe mu rwego rwo kunga no kubanisha neza abanyarwanda.

Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yasabwe kubagezaho ikiganiro. Icyo kiganiro cyatanzwe ku itariki ya 11 Ukwakira muri Hotel Hill Top na Bwana Karengera Ildephonse, umuyobozi w'Ishami rishinzwe kwibuka no gukumira Jenoside muri iyo Kimisiyo.

Bwana Karengera yabwiye abo barimu b'Abanyakenya ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ari icyaha kireba isi yose kuko ari icyaha kibasira inyoko muntu. Ababwira ko Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside yashinzwe mu mwaka wa 2008, ariko ko igitekerezo cyo gushyiraho Komisiyo y'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge yo cyavutse mbere ya Jenoside, gikomotse mu masezerano ya Arusha yo muri 1993, kugira ngo ihangane n'inzangano n'ivangura bishingiye ku moko byaranganga abanyarwanda na mbere y'uko Jenoside iba.

Bamwe mu barimu basuye u Rwanda: abafite umwuga w'uburezi bagira uruhare runini mu gutoza abana gukumira Jenoside.

Yasobanuriye abo bashyitsi inzego zigize Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside, inshingano zayo, n'ingorane ihura nazo mu kurangiza izo nshingano.

Zimwe mu ngorane ni nko ku byerekeye inshingano yo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, kurwanya ipfobya n'ihakana ryayo. Kuba ibihugu by'amahanga bitarashyiraho itegeko rihana ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi,ni imbogamizi ituma abayihakana mu mahanga badahanwa. Mu gihe mu Rwanda ho hari amategeko abihana.

Indi mbogamizi yababwiye n'uko ibihugu n'imiryango mpuzamahanga yagize uruhare mu ri Jenoside yakorewe Abatutsi itabyemera kugira ngo idasabwa gutanga indishyi ku bahohotewe. Hari n'ingorane y'uko kwita ku buzima n'imibereho myiza by'abasizwe iheruheru na Jenoside bisaba amikoro menshi cyane uRwanda rudafite n'ubwo rukora ibiri mu bushobozi bwabyo rubinyujije mu kigega gishinzwe gufasha abacitse ku icumu batishoboye(FARG).

A.R

Uwacitse ku icumu rya Jenoside wa 13 i Murambi ya Gikongoro.

Ibikurikira urup. 10

Liberée yise icyumba cya nyina umubyara. Umuyobozi w'akarere ka Nyamagabe wungiririje ushinzwe imibereho myiza y'abaturage BYIRINGIRO Emile na Perezida wa IBUKA mu Karere ka Nyamagabe Bwana NDAYISABA Elie nabo bari baje kwifatanya no gufata mu mugongo Liberée.

Nyuma yo gutanga ubuhamya bwe no gushimira NTAGANDA Felicien ku neza yamugiriye mu gihe cya Jenoside, Liberée yateretse ameza muri icyo cyumba ashyiraho indabo yageneye nyina ndetse anamutura umuvugo yise: "……."

Imbere ni Muzehe Ntaganda Félicien, mwene Bishingwe Canisius warokoye akanarera Mukaruhimbi Libérée.

MUKARUHIMBI Liberée ubu arangije umwaka wa mbere muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR).

Kubona urubyiruko rwacitse ku icumu rya Jenoside, rubasha kugera muri Kaminuza, ni icyizere gikomeye ku Rwanda. Biragaraza ko abakoze Jenoside batabashije kugera ku mugambi wabo wo kumaraho abantu. Imana yakoresheje bamwe kugirango irengere abandi.

Tukaba dusaba ko uwamenya umuntu warokotse ubwicanyi bwakorewe i Murambi yagerageza kugeza amakuru kuri Komisiyo yo Kurwanya Jenoside (CNLG) kuko bikigaragara ko umubare w'abaharokokeye ukiri muke cyane kandi bishoboka ko wasanga hari n'abandi bataramenyekana.

Ntitwabura no kongera gushimira abantu babaye intwari bakagaragaza ubupfura mu bihe bya Jenoside bakabasha kugira abo barokora ubwicanyi. Kandi turakomeza no kwihanganisha ababuze ababo mu gihe cya Jenoside, bagomba gukora cyane bagatera imbere, abanyeshuri bakiga bashyizeho umwete, abacuruzi bagacuruza bakunguka, abahinzi bagahinga kijyambere bakeza, aborozi bagatunga bagatunganirwa kuko gutera imbere niko kwibuka kwiza kandi niko kusa ikivi cyasizwe n'ababo.

Nshimyimana Emmanuel, umukozi wa CNLG ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Imyaka 15 irashize urubyiruko rwarokotse Jenoside rwashoboye kujya mu ishuri rushinze umuryango AERG

Hashize imyaka irenga 17 Jenoside yibasiye Abatutsi mu Rwanda, imyaka 15 irashize urubyiruko rwarokotse Jenoside rwashoboye kujya mu ishuri rushinze umuryango AERG. Uyu muryango washinzwe kuwa 20/10/1996, uvukira muri kaminuza nkuru y'u Rwanda. watangiye ufite ibibazo bitandukanye bikomoka kuri Jenoside, ariko kuri ubu umaze kwaguka kuko ukorera mu mashuri makuru naza Kaminuza zigera kuri 28 n'amashuri yisumbuye 400 ukaba ufite abanyamuryango barenga 43,000 ndetse biyongera umunsi kuwundi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG Jean de Dieu Mucyo (hagati) na Perezida wa Ibuka Dr Dusingizemungu Jean Pierre (ibumuso) bitabiriye iyo nama.

Mu rwego rwo kwizihiza isabukuru y'imyaka 15 uyu muryango umaze uvutse, hateguwe ibikorwa bitandukanye bifite insanganyamatsiko igira iti "RUBYIRUKO : DUHARANIRE IMBERE HEZA!". Ibi bikorwa byatangijwe ku mugaragaro kuri icyi cyumweru ahabaye inama ngishwanama ihuza abanyamuryango ba AERG bahagarariye abandi, abafatanyabikorwa bayo, inzego za leta n'inzego z'abacitse ku icumu.

Abantu basaga 100 bahuriye I Nyandungu muri "La Pallice Club baganira ku cyerecyezo cy'urubyiruko rwacitse ku icumu n'ingamba zafatwa kugira ngo uru rubyiruko rurusheho kuva mu murongo w'abababaye ahubwo bajye mu murongo w'abafasha abandi mu kubaka igihugu.

Bamwe mu batanze ibiganiro muri iyi nama, barimo GATARI Egide, umuhuzabikorwa wa AERG, Dr Dusingizemungu, perezida wa IBUKA, frère Camille, Umuyobozi w'ishuri st Aloys Rwamagana rimwe mu amashuri abamo AERG, Hon Mucyo Jean de Dieu, umunyamabanga shingwabikorwa wa CNLG ndetse n'abitabiriye iyo nama bose bunguranye ibitekerezo ku cyakorwa kugira ngo urubyiruko rurusheho kubaka ejo hazaza n'icyizere muri bo na bagenzi babo.

Imbere heza haraharanirwa

Ibikorwa byo kwizihiza iyi sabukuru bizakomeza habe icyumweru cyitiriwe AERG(AERG Week) aho uru rubyiruko rwibumbiye muri AERG ruzakora ibikorwa byubaka igihugu birimo gutera ibiti(igiti cy'icyizere) gutunganya ubusitani mu mashuri(ubusitani bw'icyizere) gusukura inzibutso, gusana no kubakira abacitse ku icumu, n'ibindi bikorwa hakurikijwe aho ishami rya AERG riri.

Bamwe mu rubyiruko rwa AERG bitabiriye inama.

Icyi cyumweru cyatangiye 24/10/2011 gisozwa kuwa 29/10/2011 mu gikorwa cy'umuganda rusange. Hakurikira ibikorwa by'imyiteguro y'isabukuru nyirizina izaba kuwa 06/11/2011 ikabera I Remera kuri "petit stade". Ibi birori bizasozwa kuri uwo munsi n'igitaramo nyarwanda kizabera nacyo kuri petit stade. Aha amatorero atandukanye ya AERG n'abahanzi benshi b'abanyamuryango bazasusurutsa abazitabira isabukuru.

Nk'uko tubizi, urubyiruko rwahawe inyigisho zisenya rwagize uruhare rukomeye mu bikorwa bya kinyamaswa muri Jenoside yakorewe Abatutsi, AERG nk'urubyiruko dufite inshingano zo guha isura nyayo urubyiruko rw'u Rwanda. Twese dukomeze tugire tuti "RUBYIRUKO DUHARANIRE IMBERE HEZA!" Erega haraharanirwa.

Ubunyamabanga nshingwabikorwa bwa AERG.

Imyanzuro

Muri rusange Abari muri iyi nama bishimiye ibikorwa by'indashyikirwa AERG yagezeho ndetse bashimira Leta uruhare rwayo rugaragara mu gukemura ibibazo by'abanyeshuri bacitse ku icumu cyane cyane mu burezi. Abari munama basabye ko hafatwa ingamba zitandukanye ndetse banifuza by'umwihariko ko :

- AERG yajya yegera ubuyobozi bw'Amashuri mu rwego rwo kuyagezaho gahunda y'ibikorwa byo kwibuka hakiri kare kugira ngo bishyirwe mu ngengo y'imari y'ibigo ndetse n'ibindi bikorwa.
- hashyirwaho ingamba zo kuzamura abari mu cyiciro cy'abukene bagafashwa kujya mu kiciro cy'abishoboye;
- Farm ya Nyagatare yaba "pépinière" y'abanyamuryango ba AERG;
- ibigo byakorerwa ubugenzuzi, abana bagakurwa mu bigo bitita ku imibereho myiza y'abana bakajyanwa ku bindi bigo.
- "Pré-bourse" yajya itangirwa igihe(buri kwezi), abanyamuryango ba AERG nabo bakajya babonekera igihe muri "Contrôle Phyisique".
- liste y'abatari ku urutonde rwa SFAR batafashe Bourse y'amezi atandatu yagezwa kuri FARG.
- CNLG yahura n'abayobozi b'ibigo by'amashuri bakaganira ku byiza by'aho AERG iri;
- hajyaho ingamba zatuma habaho "system ya Communication" ihamye yo kugira amakuru ahagije ku bikorwa na AERG kuko muri "rapport" hagaragara bicye kandi bizwi ko ikora byinshi.
- muri iyi nama hifujwe ko abantu bakuru bajya mu nzego zo hasi guhumuriza no gutega amatwi abafite icyibazo cy'ihungabana
- ubuhamya bwajya bukorwa mu buryo bwa video
- "familles" ziri muri AERG hatakongerwaho ko ari "artificial".
- hakorwa urutonde rw'ibibazo by'abacitse ku icumu, imiryango y'abacitse ku icumu n'ibigo bya Leta bikanononsora ibi bibazo ndetse bigashakirwa uburyo byakemurwa mu bufatanye.
- ikibazo cy'ihungabana kitakwitabwaho mu gihe cy'icyunamo gusa ahubwo

komeza ku rup.13

Imyaka 15 irashize urubyiruko rwarokotse Jenoside rwashoboye kujya mu ishuri rushinze umuryango AERG

Ibikurikira urup.12

cyahora kitabwaho.

- Matelas ziryamwaho n'abana zahindurwa;
- Mutuelle de santé zirihirwa abanyeshuri zakwishyurirwa ku ishuri;
- Ibigo bifite AERG byakangura ibitayifite bibabwira ibyiza byayo, bakanakangurirwa no guha akazi abana bafite ibibazo kuko ari bimwe mu byagabanya ikibazo cy'ihungabana.
- hakorwa isesengura ku burezi bw'imyaka 12 hakanonosorwa n'ingaruka yabwo ku banyamuryango ba AERG.
- habaho ubufatanye hagati y'ibigo by'amashuri na AERG mu gukurikirana ibibazo by'abana bari muri "9 years basic education".
- hazakorwa urutonde rw'ibigo birimo ibibazo bigashyikirizwa MINEDUC

Ku byerekeye imibereho rusange y'urubyiruko rwarokotse jenoside;

Abari munama bifuje ko:

- habaho gukangurira no gushishikariza ba rwiyemeza mirimo gushora imari muri "Ensegnement Proffessionel" mu rwego rwo kongera umubare w'abiga imyuga
- hakorwa ubuvugizi mu rwego rwo gusaba ko hajyaho amabwiriza asaba ko AERG yafungurwa mu ibigo byose by'amashuri kuko ari igisubizo ku umuryango Nyarwanda ndetse n'izindi gahunda za Leta.
- hagiye guhagurukirwa ikibazo cy'ibiyobyabwenge no gushishikariza abana kubireka;
- ibibazo by'abana bacitse ku icumu bafunzwe babeshyerwa ko bakoze Genocide kandi bazira imitungo y'iwabo bizagezwa mu Nteko bigakurikiranwa;
- hajyaho uburyo bwo gukangurira abana kujya mu myuga kugira ngo imibereho yabo ibe myiza, kubera umubare munini w'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye ariko ntibashobore gukomeza Kaminuza.
- hakorwa urutonde rw'abana biga batagira aho bataha kandi hagakurikiranwa imibereho myiza yabo mu gihe baba bageze mu turere twabo;-
- abanyamuryango ba AERG bakwiha icyizere kandi bakumva ko ibintu byose bishoboka;
- igikorwa cyo gutanga "Mutuelle de santé" cyakwihutishwa;

Ibumoso, Bwana Gatari Egide Umuyobozi wa AERG.

Ku ruhare rw'ubuyobozi bw'amashuri mu mibereho myiza y'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe abatutsi;

Abari mu nama bifuje ko:

- abayobozi b'ibigo by'amashuri bagomba kumenya ibibazo abana bafite; bagatinyura abana kugira ngo babizere, kandi bakababera abavugizi mu nzego zitandukanye no kubafasha mubyo bashoboye.
- abarezi bose bashishikariza abana kwitabira gukurikira amasomo yatuma umuntu yerekana umwuga yize.

Ku byerekeye ubuvugizi ku bibazo by'urubyiruko rwarokotse Jenoside

Abari mu nama bifuje ko:

- AERG yakora urutonde rw'abanyamuryango bafite indwara zikomeye, uru rutonde rukagezwa kurCNLG
- ibirarane bihora bivugwa na AERG bigiye gukorerwa ubuvugizi mu rwego rwo gushakirwa igisubizo
- imiryango y'abacitse ku icumu yibumbiye muri IBUKA yagira abayihagarariye muri buri karere
- hajyaho ingamba zo gufasha abacitse ku icumu kuva mu cyiciro cy'abatishoboye
- urubyiruko rwa AERG rwabera umusemburo n'ikitegerezo cyiza urundi rubyiruko.

Uwahoze ari Minisitiri w'urubyiruko, Nzabonimana Callixte, yasabiwe igihano cyo gufungwa burundu n'ubushinjacyaha bwa TPIR

Nzabonimana Callixte uzwi nk'uwakanguriye ubwicanyi muri Gitarama.

Nzabonimana Callixte akurikiranyweho icyaha cya Jenoside, guhamagarira abantu kubuyobuta ziguye kandi ku mugaragaro gukora Jenoside, n'icyaha cy'ubwicanyi bugambiriwe no kurimbura imbaga. Umushinjacyaha yagaragarije urukiko mu rubanza ku itariki ya 20 Ukwakira 2011, ko Nzabonimana Callixte yahagurutse agahamagarira abaturage gutangira kwica Abatutsi, maze amabwiriza ye agatuma abatutsi bari barahungiye mu mashuri na za Kiliziya bicwa.

Umushinjacyaha yakomeje avuga ko nyuma y'ubwicanyi, bamwe mu bicanyi bagarutse kureba Nzabonimana akabashimira abaha amafranga anabasengerera .Umushinjacyaha Paul Ng'arua wari uhagarariye Prokireri w'Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha mu Rwanda rukorera Arusha muri urwo rubanza, yatesheje agaciro ingingo yatangwaga n'uburanira Nzabonimana y'uko uregwa atashoboraga kuba yarakoreye ibyaha mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, ku matariki 8 n'9 Mata 1994 ngo kuko kuri ayo matariki yari yarahungiye muri ambassade y'uBufransa. Yavuze ko abari barahungiye muri iyo Ambassade bashoboraga kwinjira no gusohokamo igihe bashakiye, bisobanuye ko bitari kumubuza kujya aho ashaka.

Mu iburanisha rya Nzabonimana Callixte ryatangiye ku itariki ya 9 Ugushyingo 2009, nyuma yo gufatirwa i Kigoma mu gihugu cya Tanzaniya ku itariki ya 18 Gashyantare 2008, hari umutangabuhamya watangarije urukiko amagambo yaba yaravuzwe na Ministre Nzabonimana Callixte ku matariki 8 cyangwa 9 Mata 199 ku gasoko Gasenyi hari hateraniye abaturage benshi, aho yagize ati : « Ntimugomba gushidikanya kurya inka z'Abatutsi, ariko mbere yaho mugomba kubanza kwikiza ba nyiri izo nka(Abatutsi) ».

Mu nyandiko ikubiyemo ibirego ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko yakozwe kuva ku itariki ya 21 Ugushyingo 2001, handitsemo kandi ko « Nzabonimana yasuye kenshi Ababurugumesitiri (mu yahoze ari Perefegitura ya Gitarama), kugira ngo bategurane ubwicanyi mu makomini yabo(…), ko we ubwe yanzegurutse mu misozi ari kumwe n'abaturage kugira ngo yirebere we ubwe kandi yizere ko abaturage barimo gushyira mu bikorwa amabwiriza bari bahawe yo kwica Abatutsi ».

Icibwa ry'urubanza rwa Callixte Nzabonimana ritegerejwe mu minsi itarambiranye kuko impande zombi, Nzabonimana n'abamwunganira kimwe n'ubushinjacyaha bagombaga gushyikiriza urukiko imyanzuro isoza ku wa gatanu tariki ya 21 Ukwakira.

Ubwanditsi

Ubuhamya bwa Mukamana Yudita

“ Jye nitwa Mukamana Yudita, umudugudu w’Iyantende akagari ka Ntuye, Umurenge wa Rukumberi. Ubwo rero jyewe ndi umwe mu bacitse ku icumu rya Jenoside, twari dutuye ahantu bitaga Rukumberi. Igihe cyarageze intambara iraba. Nari mfite ababyeyi, nari umwana wa 13 iwacu. Ubwo rero intambara yarabaye tugerageza uburyo bwose twakwihisha, ariko ntabwo byakunze. Igihe cyarageze nyine bica abantu bamwe twavukanaga. Ubwo natwe tujya ahantu tuba mu gifunzo, turahaba, tuhangana n’iminsi mibi n’ubuzima bubi. Ubwo rero abantu barapfa, hapfa imbaga nyinshi.

Barapfa, ku buryo hapfuye abana, hapfa abakecuru, hapfa abasaza, ariko tujya dushima Imanayaturindiye aho hantu muri ubwo buzima bubi, tuba mu gifunzo hafi y’ukwezi, tubaho mu buzima bubi rwose.

Intambara yarabaye bishyira kera, batema abantu benshi. Ndibuka ko nari mfite mukuru wanjye twari twarahunganye, mbasha kumubona mu bana twavukanaga, nuko turarana ahantu kwa Mushoza. Igihe igitero cyo kwa Mushoza cyahazaga, yari amfashe ukuboko. Nari umwana kuriwe, nijye wari muto intambara yabaye ndi muto. Noneho igitero cyo kwa Mushoza kije, ubwo mwiyambura ukuboko ndiruka maze kwiruka we asigara aho baramwica.

Ubwo mu ijoro byarageraga, ibitero byaba bimaze gutaha abasirikare batashye, hakabaho kugira ngo dushakane kugira ngo urebe ko hari umuntu waba uzi wasigaye. Ubwo naraje ndamubura, nkajya mu bantu bose nkakubita hepfo bakambwira ngo araha, nkamubura. Aho bigeze nagiye aho kwa Mushoza aho habereye ibitero ngenda ndeba mu mirambo. Hari n’undi mukuru wanjye mukuru yari umwana ngira ngo wa gatatu iwacu, ndamureba ndamuyoberwa we, kuko babaga babaye ibikara ariko uwo mukuru wanjye kuko we yari yambaye umupira uriho inyoni mu mugongo, mpinduye gutya mbona niwe mbasha gutora igitenge bari bamwicanye ndakirukankana mpita ngenda.

Ubwo muri iyo minsi nibwo hazaga umugabo witwa Edouard. Yari umwarimu wacu, yari umuhutu ariko akaza abeshya ngo ni umututsi. Yicishije abantu benshi aho hantu, ahita amfata n’undi mwana witwaga Nimugire ati mbajyanye i Burundi. Turagenda tugeze ahantu hari ikiraro, tuhasangamo bariyeri, ubwo hari ninjoro nka saa moya, nuko ubwo baradufata, badufashe aravuga ati aba ni abana banjye. Noneho baratwambura bakatureba mu ntege, bakatureba ingingo zose, bakavuga ngo aba bantu ni abatutsi urabajyana he? Bati noneho ubwo watwemeje ko ari abana bawe kandi aba bana ni bato basubize iwabo ejo muzahanyure mu gitondo.

Ubwo twarongeye turazamuka twihishe, adusubiza ahantu twari twirunze kwa Rutaganira ahatugeza ninjoro ati mugende mujye mu batutsi banyu bataza kubantsindaho jye nta kintu nabakorera (nk’umuntu wari inshuti yacu). Ni uko ubwo twaragiye nyine dusubira aho hantu. Turahabaye, ubwo rero igihe kiragera njya kumva numva ngo muzehe wanjye ariho, njya kumushaka ahantu mugifunzo bitaga muri gare ndamubura, ndongera ndagaruka.

Ariko ubwo nsubiye inyuma, twe twabaga ahantu hitwa Shori, twari dufite abantu benshi twahaye inka, ubwo intambara iteye rero twabashije kubahungiraho. Ndibuka umudamu umwe yari umukristu twarasenganaga aza kumbwira ngo Imana

Bamwe mubarokotse i Rukumberi bari bagifite ibibazo byo guhabwa imitungo y’ababyeyi babo. Aba ni abari mu nama zo kubicyemura.

yabatanze, ngo nta hantu twabaraza na hamwe ngo Imana yamaze kubakuraho amaboko. Ndavuga nti ese ko twabanaga mu masengesho Imana yigeze kukubwira ngo yadukuyeho amaboko ngo yamaze kudutanga. Twari abana batatu nari ndi kumwe na bakuru banjye ubwo twaramanutse tuva aho hantu, ubwo mbega nibwo twaheraga ko twihisha.

Ubuhamya bwanjye ni burebure, twabayeho gutyo, igihe kiragera abana twavukanaga barabica barabarangiza. Ariko ikintu kijya kidukomeretsa ni uko duhura n’abantu batwiciye abantu. Hariho muzasa wanjye bamwishe bamutema amaguru mu ntege, bamucagagura. Yapfuye nabi yitwaga Kambanda, rwose pe Imana izamuhe iruhuko ridashira.

Turabyibuka tukababara, ariko hamwe n’ubutegetsi buriho no gusenga Imana, bazajya bareba uburyo badufasha, bakadufasha bakaduhumuriza naho ubundi kugira ngo dutange amakuru cyangwa dutange ubuhamya bimwe turabyibagirwa cyangwa wajya no kubivuga bimwe bikakunanira kuko igihe kiba gishize ari kirekire. Watekereza ubuzima wabayemo…… Nk’ubu ndibuka, rimwe nari ndi kumwe na mukuru wanjye tujyana n’abandi bantu baravuga ngo tujye kwiyahura, turagenda tujya mu mazi abari babishoboye bajyamo nanjye njyamo. Turagenda amazi atugera mu gatuza. Abo bantu twajyanye bariyahura jye birananira ndongera mvamo.

Ubwo rero urumva byari ikibazo, mbega twahuye n’ubuzima bubi nkanjye mvuze navuga bukira bugacya. Singira abantu tuvukana, ngira mama ni umukecuru, iyo mugezeho aba arimo kurira, rwose pe abantu twacitse ku icumu tuba dufite ibibazo, ariko hamwe n’ibyo tujya dusenga Imana ikaduha gutuza. Twabona n’abantu batwiciye, tugatuza, mbega tugakoresha uburyo bwose hamwe n’Imana tugatuza. Hari igihe bizashoboka bidushiremo dutuze.

Musaza wanjye n’ubwo bamutemaguye ntabwo bamwiciye aho ngo birangire ahubwo bamushoye amazi, Hari n’abandi bantu bagiye bajya mu mazi bagiye babatsindamo, bakagenda bakiroha cyangwa bakabicira hafi y’amazi. Ni abantu benshi ntabwo wavuga ngo ni umuntu umwe.

Hari nk’abasaza bagendaga bakiyahura, bagahera mu mazi. Amazi yatwaye abantu benshi. Si ukuvuga ngo wenda ngo ni iyi ntambara no muri 1992, intambara y’1992, uruzi rwatwaye data wacu witwaga Nyabirungu, rutwara abana nari mbereye nyina wabo, rutwara muramu wanjye witwa Emmanuel n’abana hafi 4. Babishe mu 1992, ubwo nyine nibwo nabwo twahungaga.

Twe twahereye kera duhunga kuko twari dutuye mu gatsiko ahantu hari abahutu. Ubwo nyine bamaze kwica uwo Data wacu baje bashaka data. Ubwo twarahunze, tugerageza gutanga inka, twatanze ibimasa bibiri kugira ngo turebe ko baturengera. Data icyo gihe ntibamwishe yatanze ikimasa, umugabo witwa Gaserebera amuhagararaho n’abahungu be. Ariko uwo data wacu yaragiye , n’undi mugabo witwa Rugina batwawe n’amazi. Kandi hari mu 1992, n’intambara yo muri 1994 yari itaragera. Ubwo rero icyo gihe mu 1992 twarahunze tujya ahantu hitwaga Rukongi ku buryo n’abo bantu twari duturanye b’abahutu bajyaga badusangayo. Bakatubwira ngo tuvuye guhunga, bakatubwira bati murahungutse, twari abana

Komeza ku rup. 15

Ubuhamya bwa Mukamana Yudita

Ibikurikira urup. 14

bato, batubwira tukavuga ngo yego. Bakatubwira ngo amaherezo se? Ariko ntitwari tuzi ibyo aribyo. Kugeza icyo gihe rero, intambara yabaye twebwe tugituye aho hantu.

Ndibuka hari saa kumi n'ebyiri z'umugoroba twumva ibitero biramanutse biraza (kuko igitero cya mbere cyabaye cyabereye mu rugo iwacu nta handi hantu bari bakwica). Cyahereye mu rugo iwacu mbega nta wundi muntu ku musozi bari bagerera mu rugo. Ubwo rero twakijijwe n'inka zari ahantu mu rugo twarazubakiye. Twanyuze mu muryango w'inyuma turiruka tujya mu masaka ba bandi nabo bahita bahitira mu nka, izo nizo zatubereye igitambo. Tunyuraho turagenda.

Jyewe kuva Jenoside irangiye kugera magingo aya ngaya, mbayeho gutya, nkabaho nyine nk'umuntu utagira umuryango ariko ndiho. Ndi umuhinzi nta kazi nkora ariko guhinga kwanjye birantunga, bikantungira n'abana. Nabashije kubyara nyuma y'intambara nkaba ndiho gutyo ariko tukaba abacitse ku icumu tugira n'ikibazo kuko twe tuba dufite amasambu ahantu twarokokeye, wagerayo waba uziranye n'umuntu akakuzomera, waba unyuzeho agacira, ukumva ni ibibazo birebire.

Nk'uko waba uvuze uti tugiye kwishyuza ibintu byacu nk'uko uba uzi abantu babiriye (nk'ubu abantu baje gufata izo nka twararebaga), wabishyuza ukagira ikibazo. Kimwe n'uko hari umugore twaburanye igihe kinini, igihe kigeze (ni nko kunjomba ibikwasi) akajya avuga ngo tubyibuhishijwe n'ibyabo. Tubayeho gutyo.

Kuva intambara irangiye turiho, turitunze ariko umuntu agenda agukomeretsa gahoro gahoro, akagukomeretsa mu buryo Leta itazi, akakujomba igikwasi, akagukubita ijambo akagenda. Ni uko nyine tubayeho ariko tujya dutuza tugasenga Imana. Yaba anakubwiye n'ikijambo wowe ukagenda ukiherera, ugasenga Imana ukavuga uti Mana ujye ubireba, ugatuza nyine ni uko tubayeho.

Jyewe rero ukuntu nabagezaho ubutumwa, jye rwose, muri iyi minsi duhora twibuka tukibuka abacu, kandi nta n'ukuntu tuzabibagirwa kuko bitubamo. Bapfuye twarabakundaga, twarabakundaga ntiduteze kuzabibagirwa. Ariko nk'ubutumwa nabagezaho, ni uko nababwira nti abantu bacitse ku icumu bajye babasha gusanga Imana. Ibintu nibibageraho bajye bashaka uburyo babyiturizamo hamwe no gusenga Imana yabo.

Kandi noneho bizamure ubumwe n'ubwiyunge twese pe, tubashe kwiyunga n'abantu badukoreye ibibi. Hamwe n'Imana tubishobore, tujye dusenga Imana, umuntu nimuhura ntihabeho ko yakugiriye ikibi ahubwo ujye umubabarira ibintu bizaveho tugire umutima w'imbabazi.

Jyewe icyo nicyo nakwifuriza abantu bacitse ku icumu kuko ibi bintu biduhozemo ntibyazatuvamo, dushobora no kubura ijuru ariko tugiye dutuza tugatanga imbabazi, (ariko nabo bakaduturiza pe), ….. Jyewe mba numva ubutumwa nabagezaho ari ubwo gusenga tukajya tubana n'Imana kuko niyo yatwibagiza ibyabayeho. Ntawundi muntu wabitwibagiza. Ubumwe n'ubwiyunge Leta irabivuga yego ni byiza ariko wowe n'umutima wawe wenyine ntushobora kubishobora ariko ufatanyije n'Imana yo mu ijuru urabishobora. Ubwo ni ubutumwa nabagezaho. Mbega icyo nabagezaho ni ukwihanganirana, wabona mugenzi wawe ukamubonamo wowe. Ubwo nibwo butumwa nabagezaho »..

Ubuhamya bwa Ntashamaje Joseph

« Jyewe nitwa Ntashamaje Joseph ntuye mu Murenge wa Rukumberi, Akagari ka Ntongwe, Umudugudu wa Rwamibabi. Jyewe Habyarimana amaze gupfa, uwo munsi twatangiye kumva ko byanze bikunze tugomba gupfa. Ahitwaga Segiteri ya Shori nibwo batangiye gufata imihoro n'amacumu batera muri Segiteri ya Rukumberi, noneho dushakisha uburyo bwose twaza gutangira ku muhanda, batugabanyamo ngo tubakumire, ngo boye kumena ngo baze batangire kwica ako kanya. Ubwo hashize iminsi itatu nibwo haje bus eshatu zivuye i Murambi hari Burugumestri bitaga Gatete. Ubwo baje nibwo batangiye kutumishamo amasasu, turamena turiruka, nibwo batangiye gutemagura.

Nahise njyana n'abana twanganaga, turambuka tujya ahitwaga Komine Mugesera hari kuwa gatandatu. Tugezeyo, Burugumestri wa Mugesera witwaga Gakware, buracya mu gitondo araza afata amato aratubwira ati ni mutahe, iwanyu ni amahoro nta kibazo gihari, ubwo turambuka. Kuva ubwo tuje dusanga ibintu biracika ino aha baratemagura, abana, abagore, buri muntu wese. Ariko sa cyenda, saa kumi zagera bakajya kuruhuka.

Ubwo bwacyeye ari ku wa mbere, jye na mugenzi wanjye witwa Mariko ubu ni umusirikare, twahise tubyuka mu gitondo. Kwa papa hari « toillete » ndende cyane ifite nka metero icumi, dukora urwego turamanuka hasi tugezeyo bari bamaze igihe gitoya bayitumamo, tugezeyo dushakisha ukuntu twashyiramo itaka. Twibera muri iyo W.C, tukajya tuvamo nimugoroba nko mugihe cya saa kumi n'imwe, abicanyi batashye.

Muri macye jyewe ukuntu nabayeho, n'uwo mwana bita Mariko w'umusirikare ubuzima bwacu kuva intambara itangira twabayeho tuba muri W.C, twavamo tugasanga abantu bapfuye imirambo iri aho ngaho kubera ko twebwe ntabwo twigeze tuba imusozi.

Ariko hari ukuntu baje kuza babona ahantu twakandagiye kubera ko hari mu mvura, noneho baza bakurikiye inkora y'ibirenge babona byinjiye muri toilette, barungurutsemo kubera ko yari ndende ntibatubona, noneho basenya inzu yari iyisakaye twe dusigaramo, tugize amahirwe tubona ntibatubonye kuko yari ndende barigendera.

Ubwo kuva uwo munsi nta gitero cyikeze kigaraguka kuko abo twari turi kumwe bose bari barashize. Nijye nawe twari dusigaye n'umwana murumuna wanjye twenyine uko twihishagamo.

Mama, baramwishe, bamwica yari yihishe mu masaka hafi y'amazi ababonye aravuga ati reka niyahure. Agiye kwiyahura bamufata atariyahura bahita bamutemagura bajugunya aho mu mazi ari kumwe n'umwana yari abereye nyirasenge witwa Kubwimana.

Nari mfite na mukuru wanjye witwa Antoine. Nawe ubwo yabonye bikomeye afata abana be babiri abashyira mu kwaha aragenda yiyahurana nabo. Ikiyaga cya Mugesera abaturanyi bakigiyemo ari benshi. N'uwo bafataga ari yafi yacyo baratemaguraga bakajugunya mu mazi.

Ikintu nasaba abacitse ku icumu, icya mbere nabasaba kwihangana, bakumva ko ibyabayeho byarabaye, ariko bakumva ko bagomba kwihangana bakajya babyibuka ariko bakumva ko byabaye kubera ko byari byarateguwe n'abari bafite ubushobozi bwo kubitegura ariko ko jyewe ikintu nabasaba ari ukwihangana bakumva ko bitazongera kubaho.

Kuva Jenoside irangiye, jyewe nashatse umugore muri 1996 ukwezi kwa gatatu. Kuva ubwo nta kintu narimfite. Iwacu bari barahashenye ncumbitse. Nta n'ubundi bushobozi narimfite bwo kubaho ariko nagerageje uburyo bwose mfata isuka ndahinga, mfatanya n'uwo nari maze gushaka, turahinga dushakisha imibereho ariko kugeza ubu ng'ubu turiho bisanzwe nta kibazo dufite. Ntabwo navuga ngo turi abakene ku buryo tudashoboye kuba twakwirwanaho ».

Hon.Senateri Makuza Bernard yatanze ikiganiro ku mibereho y'abahungiye muri Milles collines muri 1994, no ku gihembo kigiye guhabwa Rusesabagina.

Hon.Senateri Makuza Bernard

Nagira ngo mu izina ry'abo turi kumwe ndetse n'abantu bari muri Milles Collines nshimire abateguye iki kiganiro n'abanyamakuru, kandi n'abandi bose bashobora kugiramo uruhare ku nsanganyamatsiko yavuzwe ariko by'umwihariko, nkaba nanashimira aba bashakashatsi bakora mu buryo bwaguye ku bintu bijyanye no kureba ukuri kwabaye mugihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi hano mu Rwanda ndetse noneho n'ibi by'abagerageza kuyipfobya cyangwa se kuyihakana, kuko nibwira ko ari igikorwa gikomeye cyane cyane ko biba bikozwe n'abanyarwanda twebwe ubwacu, aho kubirekera abanyamahanga baba babifite mo inyungu.

Ku bijyanye rero na Milles Collines Hôtel, ndaza kunganirwa n'abandi. Ubundi ubwabyo nin'ibintu byoroshye cyane, ariko byatwawe mu buryo bw'inyungu n'ubugome ndengakamere. Ubundi iriya Murabizi ibyo muri za ETO n'ahandi hatandukanye, n'ubwo atari ko byagenze kuko zaje kubatererana ahatari hacyeya.

Icyakabiri n'uko abantu bagiye bajya muri Milles Collines bagendaga bahasanga abandi bantu, bazi ko bafite icyo bahunga kimwe. Cyane cyane Interahamwe na Ex FAR bari babakurikiranye.

Ukumva kanaka(kuko icyo gihe na telefone zo mu Mujyi wa Kigali hari aho zakoraga), abantu bakajyayo kubera ko bumvise ko hari abantu bandi bariyo ukavuga uti, ahangaha nshobora kuhakirira,nkukohariabantu bagiraga gutya bagahungira muri za Kiliziya kubera ko baharangiwe bumvise ko hari abantu bishyize hamwe, bahigwa, bashobora kumva ko barokokera ahantu runaka kubera ko bishyize hamwe, bikaba byababyarira n'ingufu. Ari izo gushobora guhangana n'abashoboraga kuza kubatera, ngo babice, cyangwa n'uburyo byonyine bwo kwirema agatima, aho kugira ngo abantu baze babasange mu ngo hirya no hino.

Ibi rero ni ingenzi cyane iyo urebye, ugafata amateka y'aho uko yatangiye, n'abahaje barimo n'uriya Rusesabagina. Nawe yahaje muri buriya buryo, ndetse abari babizi hafi, bavuga ko yari anahanyuze ashaka ibintu by'amalisansi, ngo yigendere ahandi aho ingoma y'abatabazi yarimo guhungira za Gitarama, ariko ahageze ahabona abo bantu, ndetse yaranavuze ati hano bimeze gute, bituma bwa buryo bwe, bwo gukorera no gushaka amafranga, bituma, ahita ahumurirwa n'aho ashobora kuba ari. Icyo kintu kuri we ni ikintu kiza imbere y'ibintu byose.

Abantu rero kujya muri Hoteli, nihuse mu bihe byo muri za 90, kimwe n'ahandi hantu hatandukanye, abantu bari hano mu Mujyi wa Kigali bakundaga kujya bahajya, igihe habaga hari imyigaragambyo y'Interahamwe, iy'Abasederi(aba C.D.R), n'abandi, muri za « quartiers » abantu bakaba banyarukirayo, bakararayo bakihishayo. Niko byagaragaraga, kimwe n'uko hari n'abandi bajyaga no mu mahanga.

Yahanyuze ashaka lisansi, ahumurirwa n'ahashobora kuba amafranga.

Impamvu rero mvuga ibingibi ni uko mu by'ukuri, ibyabaye nyuma guhera ku itariki ya 6, abantu bagiye muri Milles Collines muri ubwo buryo, bazi cyane cyane ko hari, ahantu hari harinzwe na MINUAR yari hano mu Rwanda, nkuko hari n'izindi « sites » zari zirinzwe. Abantu bari bafite icyizere cyo kuvuga ko ahantu hari abasilikare ba LONI bashobora kuhakirira.

Milles Collines navuga ko ari muri iyo shusho, cyane cyane ko, mvuze nko kuri Rusesabagina, muby'ukuri ntabwo ariho yayoboraga, yari ari muri hoteli Diplômates aho " Guverinoma y'abatabazi" yabaga. Ariko nayo ubwayo itangiye kugira "pressure", itangiye gushaka uburyo bwo guhunga igana za Gitarama. Ni uko yahavuye, ari we ari n'abatabazi, iriya Guverinoma.

Iyo Hoteli yayoborwaga n'Ababiligi, ngira ngo yari Sabena. Baje kugenda, baragiye rugikubita, Hoteli bayisiga ahongaho. Ariko kandi, basigira n'imfunguzo umwe mu bakozi. Uwitwa Pasa.

Rusesabagina ahubwo we yaraje amugwa gitumo, arazimwambura. Kandi hari n'abandi bantu bari barahageze mbere y'uko uwo Rusesabagina aza agahumurirwa n'ibyo yahumuriwemo.

Harimo ba Makuza Bertin, n'abandi kuko yaje mu matariki yo kuri za 18-20 ahongaho. Iyo Hoteli rero yarimo abantu baje mu minsi ya mbere bagenda bagenda.

Yayifashe nka hoteli ntabwo yayifashe nk'ahantu abantu bahungiye.

Ku byerekeranye mu byukuri n'imicungire yayo, ntabwo ariwe wari uyishinzwe. Ahubwo yaraje arayibohoza, arabohoza, atera icyocyere uwo musore, arazimuha wenda ashobora kubyivugira. Ubwo nyine ahita agira "accès" aho ibiribwa biri, n'ibiki byose. Yigira mbega nyirihoteli, kandi atarashinzwe no kuyicunga.

Aha rero niho haza n'impaka, cyangwa "polémique" yo kuvuga ngo ariko ubundi yari muri iyo Hoteli yakijijemo abantu, iyo hoteli yari ashinzwe kuyicunga?, iyo Hoteli yari ayifiteho ububasha buhe? Ububasha ni ubwo yanihaye ahereye ahongaho. Ariko iyo unabirebeye hafi... (uretse ko ubwo byajya mu isesengura, bati ese gukiza umuntu, ni wowe ubyirata, ni wowe ubivuga cyangwa se ni uwo wabikoreye).

Ese uba ufite umutima wuhe? Ese waguze abantu? Iyo urebye rero, ibyo uyu mugabo yakoze muri Mille Collines ahubwo, yashakaga kugurisha abantu, yashakaga gutanga abantu. Kuko ibyatubayeho byo kwishyuzwa amafranga, hari abayatanze, bari bayafite wenda bayashikuye bihuta kuko abantu bahungiraga muri Milles Collines, ntabwo ari abantu bahunze bavuye muri za banki. Ariko harimo wenda bake babaga bafite makeya, bagiye bahungana cyangwa se abari bafite uburyo basanzwe hari udufaranga bashyira mu rugo, bagira mu rugo. Nka ba Makuza Bertin wenda kuko yari umucuruzi agomba kuba yari afite wenda dukeya, akagerageza kutumupfubatisha, n'abandi.....

Ariko we, icyo umuntu agomba kumubonamo, ni uko n'ubwo iyo hoteli atayiyoboraga, yaje akayibohoza n'abantu bose bari barimo.

Ahubwo we, yayifashe nka Hoteli, ntabwo yayifashe nk'ahantu abantu bahungiye, nk'ubuhungiro. Ni kimwe n'ahandi hantu abantu bahungiraga, tuvuge nk'umupadiri wari kuza ati hano ni mu nzu y'Imana nta muntu ugomba kuryamamo,

Komeza urup17

Hon.Senateri Makuza Bernard yatanze ikiganiro ku mibereho y'abahungiye muri Milles collines muri 1994, no ku gihembo kigiye guhabwa Rusesabagina.

Ibikurikira urup. 16

nta muntu ugomba kuriramo, mwicare musenge gusa ni ibyo. Yabonye abantu bari bahungiye hariya, twebwe twari abakiliya ntabwo twari impunzi. Abari bafite amafranga wenda navuga ko bari na mbarwa bari bakeya cyane, cyangwa ababashije gushikura ka "carnet de chèque". Hari abakoze za "chèque" nyine baramuhereza. Kuko icyo gihe banki zarakoraga akajya gushaka amafranga. Za B.K ndibuka zarakoraga, ndibuka hari n'abantu bajyaga bazamo.

Ariko noneho n'abandi bashyirwaho, dushyirwaho igitutu cyo kuvuga ngo niba nta n'amafaranga mufite niba nta na "chèque" mufite, nimusinye igipapuro ko wemera umwenda(reconnaissance de dette). Ni ukuvuga ngo uremera ko urimo umwenda, uracumbitse muri Hoteli, ubwo ni ukuvuga ngo ibi nibirangira uzishyura, uzishyuzwa.

Aha niho rero umuntu yakwibaza ati se, nk'ibi abashakashatsi banatubwiraga, uwo muntu ubwo yari afite umutima w'ubuntu, cyangwa yarafite umutima w'...? yego, We yararangajwe imbere n'ubucuruzi. Ni ukuvuga ngo amafaranga kuri we ni cyo cyari imbere, kuko abatari bafite uburyo bwo kwishyura, nibo bafatwaga bagashyirwa muri za « corridors », cyangwa se abataratangaga icyo cyizere cyangwa se iyo sula yo kuzashobora kwishyura.

Ndetse nk'ibi bavugaga bati ese umuntu waguze abantu..., ahubwo hari abantu uyu Rusesabagina yashyiraga ku nkenke, bakagurwa n'abandi nabo b'impunzi.

Ndibuka nka « cas » za Mutalikanwa Félicien. Hari abana bagera kuri 6 bari bajugunywe hanze, ntabwo nibuka amazina yabo icyakora, we aremera abasinyira "chèque" y'amafaranga ati, nemeye umwenda, aba bana baraguma hano, nzabishyurira.

Kuko aba ba Rusesabagina, bari bamaze kubona bati nka bariya n'ubwo basinya urwo rupapuro rwo kwemera umwenda nta n'amafranga bazagira, nta mafranga bafite. Ubwo uwaguze abantu ni nde ? Ni uwabasabaga ngo nibishyure cyangwa se ahubwo ni uwabatangiye « garantie » yo gushobora kuzishyurwa. Ingurane yatanzwe nande ?

Uwashatse guta abantu hanze we yari afite wa mutima wo kuvuga ngo yahishe abantu? Ese yabahishaga iwe? Ariko muri kwa kubohoza kwe, muri kwa kubona ko ashobora kubonamo indonke, we yatangiye ahubwo kugenda yishyuza abantu. Umutima w'ubuntu ese hagati aho uri hehe? Ese ukiza abantu, ufite umutima w'ubuntu...(nababwiye ko telefoni zakoraga, hari abantu bari bafite inshuti hirya no hino, mu bihugu by'amahanga no mu Karere, batelefonaga).

Hari n'abanyamakuru bari barimo. Nk'abitwa ba Kamirindi, n'abandi bari baziranye n'abanyamakuru bo muri za France n'ahandi, noneho bakagerageza gutelefona, bakora intabaza, batabaza. Télefoninyamugabo arazikata. Ubwo ni ubutabazi? Asigarana ahubwo na telefoni ye, kugirango abone nyine n'uko amenya n'abantu bakora izo "contacts", ariko no kwishyuza izo telefoni.

Akaga twarimo yashatse kukabyaza inyungu.

Ahangaha rero hari ibintu bigomba no kumvikana, ese niba n'ubwo bubasha yari abufite, uyu muntu abantu bari mu kaga, (birumvikana

Uhereye (iburyo), Senateri Gasamagera Wellars, Senateri Makuza Bernard, Bwana Makuza Bertin.

ngo twebwe twari turi muri Milles Collines twari mu kaga), ahubwo ibyo twari turimo yashakaga kubibyaza inyungu ze.

Ese kubona abantu bari mu kaga ugashaka kubashyiraho inkenke, ahubwo ntabwo umuntu yabishyira mu rwego rw'amategeko, nk'uko ushyira inkeke ku muntu uri mu kaga, cyangwa se ibyo bita "non assistance à personne en danger-kudatabara uri mu kaga), ibyo ubundi ni ibintu bihanirwa n'amategeko.

Ahubwo noneho wowe ugashaka kugira ngo ushumure abantu. Ati abantu nibiyandikishe amazina.

Hari ibintu byerekana umuntu byo kuvuga ngo uyu muntu yari afite ubuntu yari afite umutima wo gukiza abantu cyangwa wo kugira ngo agire icyo abakuramo.

Ariko iyo nyine abantu bashatse kugira ngo bahindure ukuri, ni byo tudashobora kubemerera. Ukuri kw'ibyabereye muri Milles Collines, ibijyanye no kugira ngo abantu babashe kwisuganya no kubaho, ndetse no kubasha kwirinda, kubera ko hari amakuru twabonaga aturutse hanze, y'uburyo abantu bashobora no kuzaza guteramo, uburyo abantu bisuganya kugira ngo babashe kubaho, imibereho ya buri munsi, ntabwo ari Rusesabagina wabigiragamo uruhare.

Ahubwo impunzi uko twari turimo, hari abantu bari barishyize hamwe, kugira ngo babashe kujya bajya no gushaka ibiryo hanze. N'abandi bakajya bajya gushaka amakuru hanze.

Bati nyamuneka, abantu bari mu byumba ahongaho ntimugapfe gufungurira umuntu mutabanje kumva uwo ari we. Kuko hari abantu bashobora kuza bazi ko Bizimana, bazi ko Gasamagera... ari muri Chambre runaka, bakaba bamushimuta, cyangwa bakaba bamuhitana ahongaho.

Ibyo byo kwisuganya gushaka ibiryo, gushaka ibyo kunywa, ndetse navuga no guhangara, kugira "résistence", yo kuvuga ngo nta muntu ugomba kujugunywa hanze, tugomba kubyanga.

Ndibuka, hepfo hari Sainte Famille, uriya mupadiri Munyeshyaka, aza muri Mille Collines n'imbunda, na Simoko. Erega hari ibintu abantu bavuga..., twarabibonye, twaramubonye, twaramubonaga gutya.

Ahubwo akaza guheheta nyine, aza gushaka abana b'abakobwa, akabajyana ngo araza kubaha ibiryo. Nyine bakaza muri Mille Collines kuko twari dufite ikibazo.

Ndibuka umugabo witwa Munyarugerero Victor, wakundaga gusenga cyane, anamubwira ati rero wa mugabo we ubundi Padiri ntiyitwaza imbunda yitwaza ishapule, ati ahubwo n'ugaruka hano, tuzakujugunya hano hasi.

Ariko ibyo byose nawe ni ibintu yanakoraga yahawe inzira na Rusesabagina. Bene iyo mikorere, bene uwo mutima, umuntu aravuga ngo ni umutima wo gutabara, kugeza ubwo noneho umuntu ashaka kwigira umuntu navuga w'intwari?

Ari intwari yo gushaka

Komeza urup18

Hon.Senateri Makuza Bernard yatanze ikiganiro ku mibereho y'abahungiye muri Milles collines muri 1994, no ku gihembo kigiye guhabwa Rusesabagina.

Ibikurikira urup. 17

amafaranga no kuyashaka mu buryo ubwo aribwo bwose, ahongaho hashobora kuboneka wenda criteria yakuzuza.

Ariko nshingiye kuri izi "criteria" zivugwa n'abashakashatsi (soma urup4) n'izindi wenda umuntu yakongeraho, umuntu ashobora kwibaza ati uyu muntu icyo yujuje ni iki, ni ikihe? Njyewe sinkibona na kimwe. Ahubwo ikibazo ni n'ikiyi filime. Ni ukuvuga ni ikintu kimeze nka "Montage" bakoze, ikintu cya "fiction", noneho kikaza kwihinduramo, bakagihinduramo ukuri, noneho uko kuri kuri bo bagashaka kukubyaza izindi nyungu, noneho bakaba bageze kuri ntera yo mu rwego rwa politike.

Kuko ntabwo bishobora kumvikana niba yumva ngo yakijije n'abantu, abantu bahigwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi, warangiza noneho ubu ukaba ukorana n'abakoze iyo Jenoside, ubwabyo ndumva bigomba no kukwambura n'ako gaciro, uramutse wari ugafite, uretse ko nta nako. Ku byerekeranye no gukiza abantu hano muri Mille Collines njyewe ntako nigeze mubonaho kimwe n'abandi.

ntimuzakore ikosa na rimwe ryo kugira ngo mutange amazina yanyu muyaha uyu muntu witwa ko ayobora iyi Hoteli, kuko azabatanga.

Kuvuga rero ngo umuntu warokoye abantu, ese niwe ubimenya cyangwa n'abandi, ngira ngo twebwe abari muri Milles Collines nitwe dufite ukuri kuri ibingibi. Ni twebwe dufite ukuri kw'ibyahabereye, nitwe dufite ukuri ku warokoye abantu, ukuri ku byakorerwaga hariya, muri Milles collines, ahubwo bishaka kugurisha abantu bari barahahungiye ku nyungu z'amafranga. Gukata amazi, ubwo ubuntu buri hehe? kugurisha ibyumba, kugurisha za telefoni, ndetse no gushaka gutanga amazina.

(Ndibuka ko uwitwa Oles Songo wakoraga muri MINUAR yakoraga ataha, n'ubungubu aba muri Congo Brazaville, niwe ushinzwe umutekano kwa Prezida Sassou). Ni umuntu uzwi ni umuntu ushobora kubazwa, yaravugaga ati: ntimuzakore ikosa na rimwe ryo kugira ngo mutange amazina yanyu muyaha uyu muntu witwa ko ayobora iyi Hoteli, kuko azabatanga. Cyangwa hari abo azatanga muri mwe. Ibyo ngibyo byose rero ni ibintu, abantu babayemo.

Iyo umuntu atangiye kuvuga gutya rero, hari ibyo abantu bavugaga by'iyo miryango, mpuzamahanga yitwa ko ari iy'uburenganzira bwa Muntu, cyangwa, se abandi, bashaka kuvuga ngo mu Rwanda ngo nta "liberté d'expression".

None se iyo abantu batangiye kuvuga ukuri ku byababayeho, kuki twe tugomba kwamburwa uburenganzira bwo kuvuga, bo bakumva ko aribo bafite uburenganzira bwo kuvuga, ibyo batanazi? Iyo miryango, ari uyu nguyu ushaka kumuha n'igihembo witwa "Lantos foundation" hari iperereza wigeze ukora? hari ubuhamya wigeze ubona? Abantu babaye muri iyo hoteli bashaka kumushyiraho ubutwari ni bande? Nibaberekane. Ese barahemba filime, ikoze mu buryo bwa "fiction" gusa, cyangwa se barahemba uburyo umuntu, witwa ko yaba yarakoze koko ubutwari? Ari filime ubwayo, bakavuga bati, twabonye filime koko yakinwe neza..., bakavuga bati uriya muntu, Bakavuga bati yarakinnye, mu buryo bwa filime, nibagende bamuhembe. Ariko gushaka kubyitirira, bagashaka kubigira ukuri ngo uriya ni Rusesabagina. Ibyo ni byo bamwe bavugaga hano ni no gushaka gupfobya no kwambura agaciro abantu, ni no gupfobya Jenoside ubwayo.

Icyatumye abantu bari muri Milles Collines badapfa, ni amakuru abarimo batangaga ubwabo, bayaha ku ruhande rwa FPR Inkotanyi.

Kuko ibya hariya muri Milles Collines, abantu bajye babivuga uko babyumva nanjye nzajya mbivuga uko mbyumva, cyangwa se uko nabibonye.

No kuvuga ngo abantu barokokeye muri Milles Collines, ahubwo abantu barokokeye i Kabuga, kuko muri Milles Collines ubwaho abantu barihishaga, abantu twarihishaga tunihisha n'uwo nguwo urimo kwitirirwa ubutwari, ngo atagutanga.

Aho ngaho wenda hashobora gufatwa nka "transit", aho abantu banyuze nk'uko banyuze….

Ariko ikintu cyatumye abantu muri Milles Collines badapfa, ni amakuru abantu bari barimo batangaga ubwabo, bayaha ku ruhande rwa FPR Inkotanyi, bakamenya abantu bari barimo, bikaza guhindurwamo ahubwo ikintu cyo gushaka kuzabahererekanya n'abari kuri stade Amahoro, kuko hari abari kuri stade Amahoro bo bumvaga ko bigira ku ruhande rw'abatabazi.

N'iyo "Force" ya "MINUAR" yari ihari yari nka "dissuasion" (kugamburuza) nayo bashoboraga kuyinyuramo, ariko ntibayinyuzemo.

Byari nko kuhashyira abantu bo gutegereza: " aba bantu dushobora no kuzabakoresha no mu kwerekana ko Abatutsi batapfuye, tutabishe ahubwo twabakijije", kuko bari muri zone y'abatabazi.

Hagati aho ngaho, niho mbura uruhare rw'uyu Rusesabagina rwo kuvuga kwiyitirira ubwo butwari. Kukoamakuruyoseyagendaga ari ayo twoherezaga (abantu bamwe). Nabo bo muri MINUAR umuntu yavuga ko twabatumaga tukabatuma kuri ku ruhande rwa RPF, kugira ngo bigere no kuri ya guverinoma y'Abatabazi, bakavuga bati abantu bari hariya muri Milles Collines ntimubakoreho.

Icyo ngicyo, jyewe ndumva nta n'uwagihakana, kuko abantu bari bari muri Milles Collines ni RPF yavuze iti abo bantu ntibagomba gukorwaho. Kuko byanavugwaga ko hari abantu bari bacungiwe umutekano aho RPF yari yarafashe, hano ku Mahoro. Ariko ahangaha baravuga bati nyamuneka mureke tube dutegereje, na bariya bantu bari hariya tuzabanze tubabone.

Harimo ibintu birenze, mu rwego rurenze urwa Rusesabagina. Byari mu rwego rwa politiki, mu rwego rw'ingabo, izari zifite ubushobozi bwo kuba zatabara abantu n'izari zarafashe inshingano yo kuba zakwica abantu.

Harimo ikintu cyo kuvuga ngo aba bantu turaba tubagumishije ahongaho kugira ngo tuzabone bariya bifuza kuza kuri ruhande rwacu, tuzanaberekane, y'uko abantu batapfuye twabakijije.

Mu by'ukuri imibereho yo muri Milles Collines na Rusesabagina, umuntu abifashe mu buryo bw'uko ibintu byagendaga ni uko nguko, ariko nkaba mvuga nti simbona Rusesabagina afatwa nk'intwari ngo yarokoye abantu, ahubwo umuntu yamufata nk'uwashakaga kugurisha abantu ibyo yari yabohoje atari afitiye n'uburenganzira, kuko yashyize abantu ku nkeke yishakira amafaranga kandi yaranayabonye.

Ndetse n'ikindi kibyerekana n'uko n'ubu akomeje kubibonamo amafaranga.

Ni ugupfobya, ni ugutesha agaciro ndetse navuga y'uko iriya « fondation » ivuga y'uko ishaka kumuha igihembo, ubwayo ari ukwitesha agaciro, cyangwa se no gutesha agaciro abo yagihaye mu bihe byashize kandi bafite wenda koko ibintu bifatika bakoze.

Ntabwo rero bizatuma duceceka, ntabwo bizabuza kandi ukuri gukomeza koko kuba ukuri. Naho ikindi navuga kandi n'abanyamahanga bazakomeza koko gushaka kutubyiniraho nk'abanyarwanda, kubera ipfunwe n'ibindi bitandukanye, ariko ni twebwe Abanyarwanda tugomba gukomeza noneho, kwerekana, guhagarara tugashikama, tukerekana ko hari ibyo tutagomba kuvugirwa kuko ari ibyacu.

Hari ibyo tutagomba gukomeza gupfobywamo kuko aritwe tuzi akababaro byaduteye, cyangwa mo kimwe agaciro, mu buryo ubu n'ubu tubiha.

Murakoze.

Ubuhamya ku mibereho y'abari barahungiye Muri Hôtel des Milles Collines n'uruhare rwa Rusesabagina.

Nitwa Mwenenganuke Pasa. Nanjye narimuri Milles Collines, nari mpari nkora kuri réception. Ijoro ryo kuwa gatandatu(9/4/2011), nagize Imana zo kuba ariho nari naraye mu kazi. Ni ukuvuga ngo ibyabaye byose byabaye mpari, ndahahama ngize Imana nza kubona n'ukuntu ngura n'abajandarume banzanira n'abavandimwe, twabanaga ku Gitega, n'inshuti nkeya. Ku buryo kuva bitangira ibyabaye muri Milles Collines, byinshi narabibonaga.

Rusesabagina, we yaje kuza hashize n'iminsi muri ayo matariki yo muri za 18 Mata, ariko mbere yaho hari abazungu benshi, hagenda hazamo abanyarwanda buhorobuhoro, bagafata ibyumba. Ndibuka ko uwayoboraga Hoteli, rwose guhera ku munsi wa mbere we yaje iryo joro rya le 6/4, ava mu Kiyovu aho yaratuye, ahita anatubwira kuri « réception » y'uko abantu bose tubakira ntitugire uwo dusubiza inyuma.

Icyo gihe nta muntu wongeye gukoresha hoteli nka hoteli, hoteli yari ahongaho nk'ahantu abantu bahungira. Abo bazungu bose bagiye babaye « évacués » nta wagiye yishyuye. Abasilikare b'Ababiligi ngira ngo n'Abafransa, ni bo bagiye baba « évacua », ariko bose badusize ahongaho ntawishyuye. Ni ukuvuga ko « instructions » niba zari zanatanzwe na hoteli, mu rwego rwo hejuru zari zatanzwe y'uko batishyura kuko iyo haba kwishyura n'abo ba mbere bose bari kwishyura. Diregiteri yagiye rwose bwa nyuma mu banyuma, hari nko mu masakumi n'ebyiri ngira ngo, yitwaga Bik Cornelis, ni Umuholandi, aranza anjugunyira ibifunguzo kuri « réception », ibifunguzo byinshi cyane, aragenda. Mbonye imfunguzo zingana gutyo bintera ikibazo, narin'umwana cyane, ntabwo, nari inzi icyo gukora, mpamagara uwasaga nk'aho ari mukuru mu basigaye, uwo nguwo Abias, ubung'ubu ukiri no muri Milles Collines ngira ngo, ndamubaza nti « ese ko Diregiteri ansigiye imfunguzo, izi mfunguzo turazigira gute ? »Twumvikana y'uko tunyura muri « Direction », kureba niba nta kindi kintu yasize, kugira ngo hatazagira uwo bitirira yaba coffre fort cyangwa ikindi, dusanga hose harera, ari za coffre, zirangaye nta kintu na kimwe kirimo. Ubwo icyo twakoze, twahise tuva kuri réception, tujya kwibera mu byumba, ugize ikibazo afite akaduhamagara mu byumba. Sitoki turazifungura, zari zirimo ibintu byinshi, nibyo, cyane cyane ko « catering » ya Sabena ariho yariiri, dutangira kujya tubitanga mu bikoni kugira ngo batekere abantu, abantu bakomeza kurya nkuko bisanzwe n'ubundi muri resitora hejuru, kugeza igihe Rusesabagina aziye.

Akihagera umuntu wa mbere yahise agwaho bamuzaniye ni jyewe. Njye nari naramubonye nka rimwe aje kuri Mille Collines mu gihe cy'akazi akora kuri Diplômates, kuko na Milles Collines yigeze kuyikoramo cyera ari chef waréception. Icyo gihe ahita ambwira ngo mpa imfunguzo za hoteli. Ndamubwira nti imfunguzo za hoteli nazihawe na « Directeur », mu gihe atari yambwira, atari yanyoherereza nka fax cyangwa ngo antelefone, kuko zarakoraga, ambwire uwo nziha, ntabwo naziguha.

Guhera uwo mwanya yabaye umwanzi wanjye, ngira ngo kugeza uyu munsi, kuko na nyuma yaho, hagiye haza ibimenyetso byinshi bibinyereka.

Ngira ngo yavuganye n'abo mu Bubiligi, kuko nabonye fax "quand même", yanditswe n'uwo nguwo Cornelis Bik ivuga, y'uko namuha imfunguzo.

Ariko kubera y'uko twari twagonganye, ndavuga ntiyumuntu nimuha imfunguzo zose, ntabwo ndibubashe kubona uko mbaho. Muha imfunguzo zose, zari imfunguzo zigera kuri 30, ariko nsigarana urufunguzo rumwe rwa « passe partout », rufungura hoteli yose. Amaze nk'iminsi itatu cyangwa ine arabibona y'uko rwa rufunguzo narusigaranye, kubera y'uko yajyaga gufunga sitoki kugira ngo agurishe, iyo yayisangaga kuri uru rwego, ejo yayisangaga yagabanutse, kuko nijoro twajyaga gufatamo ibintu kugira ngo tureba ukuntu nibura, abatabasha kwishyura bakwitunga.

Abibonye gutyo anyoherereza aba « cuisiniers » babi cyane, ngo baze kubinyambura ndanga, ara « menaça » biba iby'ubusa, ashaka n'uko mva muri chambre nari nafashe, kuko nari nafashe chambre nini(ngira ngo niyo nini yo muri Milles Collines kuko ifite ibyumba bibiri ikagira na cuisine na salon, kubera ko mubo twari turi kumwe, hari umugabo wari ufite umugore utwite, waje no kubyarira muri Milles Collines, wari ukeneye ahantu nibura hisanzuye, yaba. Ashaka kuyitwishyuza chambre turanga, (niyo grande suite Hoteli igira), ashaka kutwishyuza ibintu byose biramunanira, ashaka kudukupira ibiryo biranga, kuko n'abantu benshi babashaga gutuma hanze ibyo kurya, babitekeraga muri iyo cuisine ababishoboye. Noneho bakagenda babitanga, hari aba « mamans » nka batatu bane, bari barateranye bakajya babiteka, bakabitanga biturutse muri iyo « cuisine ».

Kuko iyo hejuru yo yari yarafunzwe igomba kwishyura. Iby'ibyumba babivuze, ukuntu yishyuje guhera rugikubita, yahise atangira kwishyuza, ibiryo byose arishyuza, telefone arayifunga, ushatse kugira icyo yandika cyangwa se gutelefona, akajya muri « direction » niho hari telefone imwe yakoraga, akayishyuza. Nabwo ugize Imana akwemerera ko watelefona ukishyura. Kuko sinzi « critère » yagenderagaho kugira ngo yemerere umwe telefone, undi ntayimwemerere.

Njye ku giti cyanjye

Komeza urup20

Ubuhamya ku mibereho y'abari barahungiye Muri Hôtel des Milles Collines n'uruhare rwa Rusesabagina.

Passa Mwenenganuke, wasigiwe imfunguzo za Hotel des Milles Collines muri 94.

Ibikurikira urup. 19

nakomeje kubona ububi bwe n'ubwo wenda umuntu ataba nkawe ngo wirirwe uvuga ngo uyu yanteye ibuye uyu yangize gute, ariko ibintu Rusesabagina akora byose ni ibintu afitemo inyungu kandi zidasanzwe, nta wundi muntu wabitinyuka. Icya kabiri kandi abikorana ubugome buteye ubwoba.

Kuko nk'ubwo ngubwo, nyuma y'ibyo bavuze byose, igihe cyageze y'uko habaho za "échanges", nkanjye ndibuka ko niyandikishije mu bantu bajya muri zone ya FPR, batangiye guhamagara nsanga yankuye kuri liste. Ndongera nsubira ku muntu wa MINUAR wabaga ahantu hasi, ntibuka izina rye, hariya kuri rez-de chaussée, mu byumba biri kuri rez-de chaussée, aba mbere bagiye ndongera ndiyandikisha, ndavuga nti njye naranditse ntabwo nzi impamvu bahamagara abantu bose njye sinibonemo.

Ndibuka ko ndi mu bavuye muri Milles Collines nko ku cyiciro cya gatatu ngira ngo yari n'iya nyuma. Mbere rwose i liste nari nayivuyeho ku buryo ntasobanukiwe. Yewenomugihecyo kugenda ahongaho kuri reception, yaransatse bidasanzwe, avuga ngo ibintu bya hoteli ndabijyanye.

Ibyo biza no kumviramo y'uko Jenoside ihagaritswe, tugeze i Kigali, Milles Collines bagitangira kuyisana ngo yongere ikore, nagarutse kuri Milles Collines ngira ngo ndi mu kazi kanjye, nkihagera mpura n'ibaruwa impagarika. Narabajije bambwirakoibintu byosebyabuzemuri Milles Collines, turi za Kabuga, ari njye byose wabitwaye.

Ngira ngo ubanza narazanye nk'ikamyo ndayiparika muri ya Période, ibintu byose ndabijyana. Banyirukana gutyo kuva uwo munsi, ntanasobanukiwe. Wa mugani abize amategeko wenda bazambwira ukuntu abantu nkabo babarega.

Ntibyarangiriye aho muri bwa bugome bwe, agiye guhimbanonehoya filime agiye gukora aravuga ati, kugira ngo nteshe agaciro za "commentaries" zizabaho, ngira ngo umuntu wa mbere ugomba guteshwa agaciro ni Passa.

Abarebye iyo filime "Hôtel Rwanda", ngira ngo mwabonye y'uko harimo umu "réceptionniste" w'umusore, wataye réception" abohoza "grande suite", ngira ngo muri filime bamwita Grégoire, abohoza "grande suite" arayifata, akajya yiba ibintu, akajya yiriranwa n'interahamwe n'ibindi byose. Ngira ngo umuntu wa mbere wabonye iyo filime yahise avuga ati reba ibi bintu ari kuvuga kuri kanaka. Ibyo byari nko gufasha kuvuga ngo ikintu cyose nzavuga, n'iyo nakivuga haba hanze cyangwa hehe, kizahite gita agaciro, ku bijyanye n'ibyabaye.

Hôtel des Milles Collines

Rusesabagina wagurishije impunzi amacumbi n'ibiribwa mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Wenda sinavuga byinshi narekera ahongaho, ariko navuze ibyo kugira ngo ngaragaze ko ari ibintu yapanze, azi gu "profita" za "situations" wenda zidasobanutse, kugira ngo yikorere amafranga, kandi zirimo n'ubugome bwinshi.

Ariko hejuru y'ibyo ngibyo, sinzi ikintu nko ku barokokeye muri Milles Collines" cyakorwa, cyane cyane nko kureba abanyamakuru, no kubitangaza hanze kugira ngo ukuri gukomeze kumenyekana, kuko nabonye ko hanze hari uwo ubibwira agasa nk'ukangutse, nk'aho ari ubwa mbere yumvise ikintu nk'icyo. Kandi nyamara kuri za internet biriho.

Murakoze.